
Rwanda Education Board

# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

### Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza



# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

### Umwaka wa gatatu w'amashuri abanza

Iki ni igitabo cy'umwarimu cyasubiwemo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, cyanditswe bwa mbere muri 2015, n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

**Abanditse iki gitabo:**
UWIBANZE Théophile
MUKANTAGANDA Adrie
UZABAKIRIHO Salvator
NDAYIZEYE Augustin

**Uwakosoye iki gitabo:**
HAKORIMANA Jean de la Paix

**Abashushanyije:**
SAFARI Frederic
NDARAMA Assoumani
NSHIMIYIMANA Emmanuel

**Abatunganyije iki gitabo:**
KALISA James
TWIZEYIMANA Jean Pierre

**Abajyanama:**
MURUNGI Joan
GATERA Augustin
NTIRENGANYA Alphonse

**Abandi bagize uruhare kuri iki gitabo:**
HAGENIMANA Jean Pierre
MUHUMUZA Winnie
ARABARUTA Martin

**Abemeje iki gitabo:**
MUKANTAHONDI Vénantie
RUBANDA Jean François
HABIYAKARE Poponi
MBABARIYE Patrice
NDAYAMBAJE Cyprien
NYANDWI Charles
NYIRAFARANGA Thérèse
MANIRAGABA Germain
BAYAVUGE Jules
NSENGIMANA Cyriaque
BYUKUSENGE Peninah

**Abanditse iki gitabo bwa mbere:**
KANYAMIBWA Epaphrodite
MUREKATETE Marie Béatrice
NIYITEGEKA Dative
IKIRIZA Hope
UWIRAGIYE Chantal
NDAHAYO Protogène

© 2018 Rwanda Education Board
Uburenganzira bw'umwanditsi w'inkuru zikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

## NTIKIGURISHWA

This work is licensed under the Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/.

This work is an adaptation of materials originally developed through collaboration between the Rwanda Education Board and USAID. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation by the Rwanda Education Board and USAID Soma Umenye of an original work developed through collaboration between the Rwanda Education Board and the USAID Language, Literacy, and Learning Project, © Rwanda Education Board. Second Edition.

More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

# Ijambo ry'ibanze

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri kigenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza, cyanditswe mu mwaka wa 2015 n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), gisubirwamo mu mwaka wa 2018, ku nkunga y'Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga USAID Soma Umenye. Ni igitabo kije gufasha mu gushyira mu bikorwa gahunda yo guteza imbere umuco wo gusoma no kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kugira ngo abana bawukurane kuko ari wo nkingi y'uburezi bufite ireme.

Iki gitabo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri zubakiye ku nsanganyamatsiko ziteganywa mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri wiga mu mwaka wa gatatu. Kizafasha umwarimu guha abana urugero rw'uburyo bagomba gusoma. Inkuru zikubiye muri iki gitabo zizabera umwarimu imfashanyigisho ituma abana bunguka amagambo mashya kandi bakamenya indangamuco n'indangagaciro nyarwanda. Gusomera abana izo nkuru bibatera ishyaka n'inyota yo kwisomera ubwabo ndetse no guhugukira ibyo biga.

Mu gutegura iki gitabo, hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo gutoza abana umuco wo gusoma bakiri bato, ku buryo gusomera umwana inkuru zikubiye muri iki gitabo bizamufasha gukurana umuco wo gusoma kandi akawusigasira mu buzima bwe bwose. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi no mu myigishirize y'indimi, cyanecyane ibijyanye no gusoma no kwandika inkuru zigenewe abana kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira rero abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo gutoza abana umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo basanga byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# Ishakiro


**Umutwe wa 1: Imyuga gakondo .......... 2**
Uko Sempyisi yabaye umukannyi .......... 2
Urugendo shuri .......... 4
Umunsi mukuru w'umuganura .......... 6
Akagoroba k'abana .......... 8

**Umutwe wa 2: Kubungabunga ubuzima .......... 10**
Urabeho Marariya! .......... 10
Senshywa agongwa n'imodoka .......... 12
Ncyuyamahoro arembywa na marariya .......... 14

**Umutwe wa 3: Uburenganzira n'inshingano by'umwana .......... 16**
Bibagiwe inshingano zabo .......... 16
Inama nziza za Sogokuru .......... 18
Mfwati yisubiyeho .......... 20

**Umutwe wa 4: Inyamaswa zo mu gasozi .......... 22**
Kanyana muri pariki .......... 22
Twasobanuriwe inyamaswa zo mu gasozi .......... 24
Kamari na Kantengwa .......... 26
Tuzirindire ubuzima .......... 28
Irushanwa ry'ubwiza .......... 30
Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda .......... 32

**Umutwe wa 5: Umuco w'amahoro .......... 34**
Mutamu yasabye imbabazi .......... 34
Ntituzongera gutongana .......... 36
Gikeri asura Rusake .......... 38
Amatungo ya Ncyuyimihigo .......... 40

**Umutwe wa 6: Siporo n'imyidagaduro .......... 42**
Yahize abandi mu mikino gakondo .......... 42
Uko Gapira yarihiye Mutesi .......... 44
Asigaye akora siporo .......... 46
Mukaneza na Kagabo .......... 48

**Umutwe wa 7: Gukunda umurimo ..... 50**
Ibaruwa ya masenge ..... 50
Yamenye agaciro k'igihe ..... 52
Turwanye ubunebwe ..... 54

**Umutwe wa 8: Gukunda Igihugu ..... 56**
Petero yaretse kubeshya ..... 56
Bitabiriye umuganda ..... 58
Inyamaswa zungutse ubwenge ..... 60
Kora ndebe iruta vuga numve ..... 62

## Somera abanyeshuri inkuru, bazabe abasomyi beza

# Uko Sempyisi yabaye umukannyi




Sempyisi yari umugabo w'umunebwe cyane, bityo agahora ari umushonji. Nta kintu yari ashoboye gukora. Umunsi umwe yigira inama yo kugura igitabo gikubiyemo amashusho agaragaza uko imyuga gakondo inyuranye yakorwaga. Icyo gitabo cyari cyaracapwe n'abahanga. Kubera ko nta gafaranga yagiraga yaragikopwe maze atangira kugisoma. Yashakaga kwitegereza uko imyuga gakondo ikorwa kugira ngo arebe niba hari uwo yashobora gukora, akabona ikimutunga.

Ku rupapuro rwa mbere ahabona ababaji. Yitegereza uko babaza basatura imbaho aravuga ati: "Sinaba umubaji. Bariya bantu se buriya ntibababara mu mpyiko iyo babaza?" Sempyisi arambuye ku rundi rupapuro ahabona abakannyi barimo bakana inkanda zo kwambara. Banakoraga ishabure mu ruhu. Sempyisi arabitegereza arangije aribwira ati: "Ndabona ibyo bakora ntabishobora!"

Sempyisi arakomeza arakirambura abona abavumvu bagika imitiba abandi bahakura ubuki. Sempyisi ati: "Nahakura se ntabimenyereye inzuki ntizandwinga? Ahaaa, uyu mwuga w'ubuvumvu sinawushobora!" Ku rundi rupapuro ahabona abagore baboha ibyibo, abagabo babasaturira intamyi. Ku mutima aribwira ati: "Ndabona uyu mwuga ahari ari uw'abagore sinawukora. Reka nikomereze ububoshyi ni ubw'abagore." Arambuye ahandi ahabona ababumbyi bakata ibumba,abandi banogereza utubindi n'utweso.



Sempyisi ati: “Uyu mwuga sinawushobora. Hirya gato ahabona abahigi, bari kumwe n’imbwa zabo. Ku mutima ati: “Ubuhigi sinabushobora, nitinyira impyisi sinajya guhiga mu ishyamba ry’inzitane.” Azinga igitabo ashyira nzira arataha.

Mu nzira ahura n’umugore Nyirampyorero. Aramubaza ati: “Ese wa mugabo we ko mbona ibitekerezo byakubanye byinshi, urava he ukajya he?” Sempyisi amutekerereza uko yashakishije umwuga yazakora akawubura. Nyirampyorero aramubaza ati: “None se urashaka gukora uwuhe mwuga?” Sempyisi ati: “Imyuga inyuranye nayitegereje mu gitabo nsanga nta wo nashobora.”

Nyirampyorero amugira inama, amusobanurira ko nta mwuga n’umwe mubi ubaho. Yamubwiye ko buri mwuga iyo uwize ufite ubushake utakunanira. Amusobanurira ko nta mwuga n’umwe ugenewe umugore cyangwa umugabo. Bamara umwanya munini amusobanurira ageze aho arabyumva.

Nyirampyorero yajyanye Sempyisi mu ishyirahamwe yabagamo rikora imyuga gakondo. Abona abasore, inkumi, abagore n’abagabo barimo kwiga imyuga abandi babigisha. Sempyisi yegera abandi atangira kwiga gukana impu. Ntibyatinze arabimenya. Akira ubunebwe atyo ntiyongera kwicwa n’inzara. Ashimira Nyirampyorero wamukijije ubunebwe akamutoza umwuga.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde uvugwa cyane muri iyi nkuru? Yarangwaga n’iki?
2. Rondora imyuga gakondo inyuranye ivugwa mu nkuru.
3. Igitabo Sempyisi yagiye kugura yagishakiraga iki?
4. Ni nde ushima muri iyi nkuru? Uramushima iki?
5. Ni irihe somo ukuye mu nkuru?
6. Uburinganire n’ubwuzuzanye mu myuga bisobanura iki?

# Urugendo shuri



Dutangiye igihembwe cya kabiri, umwarimu wacu Kawera yadusezeranyije kuzadutembereza. Atwemerera kuzajya gusura Inzu Ndangamurage y'u Rwanda. Yatubwiye ko tuzahabona ibikoresho bimwe na bimwe by'imyuga gakondo. Kuva ubwo, twarishimye, tukarara tudasinziriye, twibaza igihe tuzagendera. Ntibyatinze ahamagara Ingabire uhagarariye ishuri ryacu aramubwira ati: "Mwitegure ejo kare turagenda."

Mu gitondo twabyutse twabukereye. Mu kanya gato imodoka idutwara iba irahageze. Twese dutangira gusakuza tuti: "Imodoka iraje wee! Turagiye." Kawera aratubaza ati: "Buri wese arahari tugende? Twese tuti: "Yegoo!" Atangira kutwinjiza mu modoka. Buri munyeshuri yari afite agakapu karimo ikayi n'ikaramu. Maze kwicara abanyeshuri basigaye hanze binjira babyigana, bansyonyora ku kirenge ariko umwarimu aranyihanganisha. Turi mu modoka Kawera aratubwira ati: "Nimugerayo ntimurangare."

Mu gihe cya saa tatu twari dusesekaye i Huye.Twakiriwe n' ababyinnyi bambaye neza ndetse n'intore zambaye imigara batangira kutubyinira. Dutangarira iryo torero ribyina neza, turikomera amashyi. Nyuma y'itorero haje abatuyobora, baduha amabwiriza, banadusaba kubaza ibibazo aho tudasobanukiwe. Twabanje kwitegereza amashusho akoze mu ibumba n'andi abaje mu biti yari amanitse. Nge mbanza kurangarira ifoto y'umugabo ufite impwempwe umwarimu arampwitura. Twitegereza amacumu, imiheto, tubona imyambi, ndetse n'ingabo, badusobanurira ko ibyo ari bimwe mu bikoresho byifashishwaga mu gutabarira Igihugu.

Batweretse ahantu hateretse inkongoro, ibisabo, ibicuma, inzuho, inkoko, uduseke, ibyibo n'imbehe. Badusobanuriye ko inkongoro bazinyweshaga amata, igisabo bakagicundiramo, ibicuma bakabinyweramo inzoga naho imbehe bakaziriraho. Batweretse kandi umutiba, isuka n'uruhabuzo. Batubwira ko ari ibikoresho byifashishwaga mu buhinzi. Umwarimu wacu yabasabye kudusobanurira ku buryo bwimbitse.



Batubwiye ko isuka yifashishwa mu guhinga, uruhabuzo bakarwifashisha mu gukorera insina bagabanyaho amakoma n'amashara. Umutiba bawuhunikagamo imyaka, amasaka bayasyaga ku nsyo.

Bakomeza batwereka inyonga, inkanda, inshabure, ibicirane, inkindi, impuzu n'impu. Badusobanurira ko ari imwe mu myambaro gakondo. Baraturetse tuyikoraho turanayikenyera. Nyuma batweretse ingobyi bahekagamo abarwayi, abageni ndetse n'umwami.

Tugiye gutaha itorero ryaragarutse riratubyinira. Abaririmbyi bavuza imyirongi n'inanga biratinda. Tumaze gutwarwa tujyamo natwe turabyina. Ubwo Umwarimu wacu Kawera akomeza kudufotora. Twatashye twishimye cyane, buri wese yiyemeza kuza gutekerereza abo babana ibikoresho gakondo yabonye.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Ni hehe bagiye gukorera urugendo shuri?
3. Ni iyihe myambaro gakondo ivugwa mu nkuru?
4. Ni iki wakunze muri iyi nkuru?
5. Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru?
6. Ubona gukora urugendo shuri bifite akahe kamaro?

# Umunsi mukuru w'umuganura



Intare yumvwaga n'izindi nyamaswa zose kuko ari umwami w'ishyamba. Uko umwaka utashye, zishimiraga umusaruro w'imyuga gakondo zabaga zimaze kugeraho. Inyamaswa zirindaga gutebywa n'izindi gahunda kuri uwo munsi, zikawitabira. Buri nyamaswa yahoraga ishishikajwe no kuzarusha izindi umusaruro. Hari igihe zakoze amarushanwa, iyari kurusha izindi yari guhabwa igihembo, igahabwa n'ijambo ikumvwa mu ruhame rw'izindi.

Bakame yakoraga umwuga wo guhinga. Yari ifite ibikoresho nk'isuka, umuhoro n'uruhabuzo. Mu museso yabaga yageze mu murima. Yari yararetse kwiririwa ihomvomva. Yakoranaga umurava, kugira ngo izarushe izindi umusaruro.

Impyisi yo yabumbaga inkono, utweso n'inzabya. Ibyo yabumbaga yarabitwikaga kugira ngo bikomere kandi bizarambe, yabyarura bigakundwa na bose. Umwaka watangiye na yo yarahize ko izesa imihigo kurusha izindi. Ibyo bituma yumvwa n'abana bayo, batangira kujya bafatanya na yo kugira ngo umusaruro uziyongere.

Nyiramuhari yahoraga iyobywa n'ibidafite agaciro. Ibonye izindi nyamaswa zimaze gutera imbere, iravuga iti: "Sinshaka gukomeza guhabywa no kuyobywa n'abanshora mu bikorwa bitamfitiye umumaro." Yitabiriye umwuga w'ubuhigi. Igakoresha umuheto n'imyambi yabikaga mu mutana. Yagurishaga impu n'ababambaga ingoma. Uwo mwuga wayiteje imbere igera aho yumva ko izegukana igihembo.

Igikona kitabiriye ububoshyi. Cyabohaga imitako, uduseke n'imitemeri yatwo. Twabaga ari twiza dutatse kandi dusobetse amabara. Kifashishaga uruhindu n'intamyi maze bakaduhururira ngo ngwino urore. Uwo mwuga wagiteje imbere cyane ndetse cyumva ari cyo kigomba kuzabona igihembo.



Ntibyatinze intare isura buri nyamaswa. Yabaga ireba aho zigeze ziteza imbere, zibikesha imyuga gakondo. Yanejejwe no gusanga buri nyamaswa yariteje imbere ku buryo bugaragara. Yasanze inyamaswa zose zituye neza, zibana mu mahoro, zikihaza mu biribwa. Nta n'imwe yari ifite ubuzima bubi. Intare yatumyeho inyamaswa zose ngo zisangire umunsi mukuru w'umuganura. Zose zagombaga kwitabira, ntayagombaga gusibywa n'impamvu iyo ari yo yose.

Umunsi w'ibirori ugeze, inyamaswa zarabukereye. Buri nyamaswa yibwiraga ko iza gufata ibihembo. Zakoze ibirori byiza cyane, ziranywa, zirizihirwa. Intare ifata ijambo ishimira buri nyamaswa uko yitwaye. Yazibwiye ko icyari kigamijwe ari uko buri nyamaswa yakwiteza imbere, ibikesha imyuga gakondo. Yavuze ko zose zitwaye neza kandi zigomba gukora neza kurushaho. Zikomeza kwishimira umuganura.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni izihe nyamaswa zivugwa muri iyi nkuru?
2. Umunsi mukuru w'umuganura wategurwaga na nde?
3. Ni iyihe myuga ivugwa mu nkuru?
4. Ukurikije ibyavuzwe mu nkuru nyiramuhari yagusigiye irihe somo?
5. Ni uwuhe mwuga gakondo wavuzwe utakigezweyo muri iki gihe? kubera iki?
6. Wumvise umuntu avuga ko imyuga gakondo nta cyo yamarira abayikora wamubwira iki?

# Akagoroba k'abana



Mu mudugudu wacu, abana bamaze igihe bagaragaza ko badasobanukiwe n'ibijyanye n'imyuga gakondo ndetse na bimwe mu bikoresho gakondo. Umukuru w'Umudugudu atanga ikifuzo ku babyeyi cyo kujya bahuriza abana mu kagoroba k'abana hagatumirwa abantu bakuze bakabaha ibiganiro ku bijyanye n'imyuga gakondo maze bikumvwa n'abo bana. Bamwe mu bana twari duturanye bajujubywaga n'ababyeyi babo bababuza kubyitabira.


Umunsi umwe, Sempwempwe yabujije umuhungu we Mpyorero kwitabira akagoroba k'abana ngo amufashe gukoma insyo zabo zitari zigisya neza. Maze Mpyorero arijujuta agira ati: "Ariko papa, nzamenya nte imyuga gakondo mpora nsibywa kwitabira akagoroba k'abana nk'abandi?" Arakomeza ati: "Uzi ko akenshi nkunze gusebywa na bagenzi bange iyo bambajije ibijyanye n'imyuga gakondo nkabiyoberwa!"

Se aramusubiza ati: "Erega mwana wange mba nanga ko wayobywa n'abatabizi ukabwirwa ibitari byo." Umwana aramusubiza ati: "Haba hatumiwe inyangamugayo ni zo ziduganiriza." Kuva ubwo Mpyorero ntiyongeye gusibywa mu kagoroba k'abana.

Umunsi umwe, Mpyorero avuye mu biganiro se amusaba kumusobanurira ibyo amaze kumenya. Maze araterura ati: "Batubwiye ko kera hari imyuga gakondo inyuranye nk'ububaji, ubucuzi, ububumbyi, ubukannyi, ubuhigi, ubuhinzi, ubworozi n'indi myuga inyuranye."

Se arakomeza amubaza niba barabasobanuriye akamaro k'iyo myuga gakondo mu muco nyarwanda. Mpyorero arasubiza ati: "Batubwiye ko ubukannyi bwatumaga babona imwe mu myambaro bambaraga kera nk'impuzu n'ishabure. Ububoshyi bwatumaga babona ibyibo babikagamo imyaka. Ububumbyi bwabafashaga kubona utubindi bavomeshaga n'inkono batekagamo, tutibagiwe n'utweso two kubikamo amavuta."

Mpyorero akomeza gusobanurira se ibyo yahungukiye, se asanga akagoroba k'abana karamugiriye akamaro cyane. Nyuma aza kumubaza niba barababwiye bimwe mu bikoresho gakondo bifashishaga. Aramusubita ati: "Batubwiye byinshi byifashishwaga icyo gihe. Badusobanuriye ko insyo zifashishwaga basya amasaka kuko ibyuma bisya bitariho icyo gihe.



Hari kandi imbehe bariragaho n'indosho barishaga. Badusobanuriye ko imiheto n'imyambi byakoreshwaga mu buhigi no ku rugamba, banatubwira imivuba bifashishaga mu gucana umuriro wo gushyushya ibyuma bacuragamo ibikoresho binyuranye. Badusobanuriye ko ibicuba babyifashishaga batereka amata ku ruhimbi bakanabikamiramo.

Se amaze kumva ko umuhungu we Mpyorero yungutse byinshi mu muco nyarwanda aramushimira amuhemba agatabo ko gusoma kacapwe n'abahanga. Kuva ubwo iyo yasabaga uruhusa rwo kujya mu kagoroba k'abana yarumvwaga akaruhabwa kubera ko bari bazi ko bimufitiye akamaro kanini.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?
2. Kubera iki Umukuru w'Umudugudu yatanze igitekerezo cyo gushinga akagoroba k'abana ?
3. Vuga imwe mu myuga gakondo ivugwa mu nkuru?
4. Ubukannyi bwari bufite akahe kamaro?
5. Muri iki gihe ni uwuhe mwuga gakondo wahitamo gukora? Kubera iki?
6. Akagoroba k'abana gafite akahe kamaro muri rusange?

# Urabeho marariya!



Umwana witwa Ncyuramihigo agirira impuhwe abaturanyi be bazahajwe na marariya. Iyo ndwara, bakaba bayiterwa n'imibu ituruka mu gishanga kirimo imyishywa. Imyaka yabo ikunda kurumba kubera ko igihe kinini bakimara barwaye bityo ntibayiteho.

Hafi gato y'iwabo wa Ncyuramihigo, hatuye umukecuru ukunda kurwara marariya. Umunsi umwe, Ncyuramihigo yiyemeje kujya kumuganiriza ku kamaro ko kurara mu nzitiramibu. Mbere yo kumusura, yabanje gusoma inkuru mu gitabo, ivuga ku buzima bwiza.

Bugicya ati: "Reka nshwekure nge kureba mukecuru uko yaramutse." Akigerayo asanga atitira kandi afite umuriro mwinshi. Hashize akanya aramubaza ati: "Ese mwana wange, ko iwanyu mutarwara marariya mubigenza mute?" Ncyuramihigo aramusubiza ati: "Erega iwacu turara mu nzitiramibu!" Mukecuru asa n'utangaye aravuga ati: "Ubu se kariya kantu nabonye kameze nk'agatimba k'abageni ntikanshura umwuka mwana wa!"

Bakomeje kuganira, Ncyuramihigo abwira mukecuru ati: "Oya mukecu, umuntu wese uyiryamamo neza, nta ho ahurira n'imibu. Umujyanama w'ubuzima duturanye yaduhaye inzitiramibu. Twese mu rugo tuziraramo." Yaranamubwiye ati: "Ahubwo nzakuzanira umujyanama w'ubuzima akuganirize ku buzima bwawe." Mukecuru ati: "Ese mwana wange, ndaye muri kiriya kintu, sinapfa kubera ubushyuhe?" Yongeraho ati: "Ubwo uzamuzane nzaba numva ibyo azambwira."

Ncyuramihigo aramubwira ati: “Umujyanama w’ubuzima azakugira inama kandi bizakongerera iminsi yo kubaho, ufite ubuzima bwiza.” Ncyuramihigo atashye, umukecuru yasigaye afite amatsiko yo kuzabona aryamye mu nzitiramibu.”



Bidatinze, Ncyuramihigo azana umujyanama w’ubuzima kwa wa mukecuru. Baraganiriye biratinda ndetse amuha inzitiramibu yo kuryamamo. Umujyanama w’ubuzima yamwigishije uko bayifata neza ndetse agenda amaze bayimumanikira. Mbere yo gutaha, umujyanama yagiriye mukecuru inama yo kugira isuku. Yamubwiye ko agomba kwikiza ibihuru biri hafi y’urugo no gusiba ibidendezi by’amazi, kubera ko ari ho imibu itera malariya yororokera.

Guhera uwo munsi, mukecuru yahinduye imyitwarire. Yashyize mu bikorwa inama yagiriwe n’umujyanama w’ubuzima. Uwo mukecuru ntiyongeye kurwara malariya. Mu muganda, bamuhaga umwanya wo gutanga ubuhamya bw’uko yakize malariya. Rimwe yanyuzagamo akabasetsa agira ati: “Mpora nshwana n’umuntu utarara mu nzitiramibu. Maze kubyibushywa no kuryama mu nzitiramibu dii!” Yungamo agira ati: “Urabeho malariya, nabonye inzitiramibu ndaramo!”

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Mbere yo gusura mukecuru, Ncyuramihigo yabanje gusoma inkuru ivuga kuki?
3. Kuki umukecuru uturanye na Ncyuramihigo yakundaga kurwara malariya?
4. Umujyanama w’ubuzima abafitiye uwuhe mumaro aho utuye?
5. Ni iki ushima Ncyuramihigo?
6. N’iki wakora kugira ngo urwanye malariya iwanyu mu rugo?

# Senshywa agongwa n'imodoka




Umukuru w'Umudugudu wacu yari amaze iminsi ashishikariza ababyeyi bacu kugira ubwishingizi mu kwivuza. Bamwe mu baturage ntibumvaga akamaro kabyo.

Umunsi umwe, tuvuye ku ishuri, mugenzi wange Senshywa akora ikosa ryo kwambuka umuhanda atabanje kureba mu merekezo yombi. Byamuviriyemo kwiroha mu muhanda nuko imodoka iramugonga. Iminwa ye ihita yumywa n'igihunga. Hafi aho hari umukecuru wavanaga inshywa mu bicuma yitegura kubijyana ku isoko, ngo aronke amafaranga. Yahise areka ibyo yakoraga, atabariza wa mwana. Aramwegera abona ari uwo kwa Nyiranshywa na Gakumba, abaturanyi be.

Nyiri imodoka yihutira kunyarukana Senshywa kwa muganga, umukecuru na we yihutira kubwira ababyeyi b'umwana, baza bwangu bitwaje ikarita y'ubwisungane mu kwivuza. Abaganga bamutabara bidatinze, bomora ibikomere nuko baramudoda.

Uwo munsi Senshywa arara mu bitaro, bukeye umwarimu we aherekejwe n'abanyeshuri babiri baramusura. Bamuzanira akajerekani k'ikivuguto, bahumuriza ababyeyi b'umwana. Senshywa arabareba yibuka ko kizira gukinira mu muhanda no kuwambuka, utabanje kureba mu merekezo yombi. Ahera ko yicuza ibyo yakoze, afata ikemezo cyo kutazabisubira ukundi.




Mu minsi ibiri, Senshywa yari yorohewe, nuko kwa muganga baramusezerera arataha. Senshywa yari afite ubwoba. Yibazaga ukuntu iwabo bagiye guhombywa no kwishyura amafaranga menshi kubera amakosa ye. Ako kanya yegera se ati: "Nsabye imbabazi, sinzongera kubateza ibibazo." Se aramubabarira. Bagiye kwishyura, se ahereza abishyuza ikarita y'ubwisungane mu kwivuza, bafata ifishi ya Senshywa batangira kumubarira amafaranga agomba kwishyura. Yari yifitiye ubwoba, yibaza niba ari bubashe kwishyura ibitaro. Bamaze kumubarira, basanga agomba kwishyura amafaranga makeya pe!

Kuva uwo munsi, Gakumba aba umuvugizi wa gahunda za Leta zo gukangurira abantu bose kugira ubwisungane mu kwivuza. Azenguruka ingo z'abaturanyi abaza niba baratanze amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza. Iteka nyuma y'umuganda, yahabwaga ijambo agatanga ubuhamya ku byamubayeho. Akababwira ko iyo ugize ikibazo cy'uburwayi udafite ubwisungane mu kwivuza uhombywa no kwishyura amafaranga menshi. Anababwira ko utarembywa n'uburwayi kuko bivuza ku mafaranga make. Kuva ubwo, abaturage bose bahise bitabira kugira ubwisungane mu kwivuza kuko basanze ari ingirakamaro.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde washishikarizaga ababyeyi gutanga ubwisungane mu kwivuza?
2. Ni iki cyatumye Senshywa agongwa n'imodoka?
3. Ni nde watabarije Senshywa?
4. Wakwitwara ute kugira ngo wirinde impanuka?
5. Vuga akamaro k'ubwisungane mu kwivuza
6. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?


# Ncyuyamahoro arembywa na marariya



Umunsi umwe, Ncyuyamahoro yavuye ku ishuri ataka cyane. Yahindaga umushyitsi kandi afite iseseme. Ageze mu nzira aho yitegeye agasozi k'iwabo arananirwa. Yari amaze kurembywa n'uburwayi. Umukecuru Nyiramwishywa amunyuzeho aramumenya. Aramubaza ati: "Nturi mwishywa wa Nshwishuriza? Byakugendekeye bite ko uryamye hano?" Ncyuyamahoro aramusubiza ati: "Reka ntakigenda nagerageje ngo nshwekure ngere mu rugo vuba ariko byananiye."

Ncyuyamahoro yabwiye Nyiramwishywa ko yumva akomeje kurembywa n'uburwayi. Amukozeho yumva afite umuriro mwinshi. Aramuhagurutsa, aramusindagiza amujyana kwa muganga. Bagenda baganira. Umukecuru ati: "Wari kujya iwanyu ufite umuriro, wagerayo ukarushaho kurembywa n'indwara.

Ncyuyamahoro yarihanganye agera kwa muganga. Bamupimye bamusangamo marariya. Bamuha utunini tugabanya umuriro tukanamuvura iseseme. Bamaze kutumuha, bamusobanurira ko bamusanzemo marariya kandi ko ari indwara mbi cyane ikwiye kwirindwa. Umuganga aramubaza ati: "Ese ujya urara mu nzitiramibu?" Ncyuyamahoro aramusubiza ati: "Reka da! Nayiryamagamo nkagira ubushyuhe bwinshi, twahisemo kuyubakishiriza inkoko."




Umuganga amubwira ko ari we wikururiye uburwayi. Amugira inama yo kuzajya arara mu nzitiramibu buri gihe, Anamusobanurira ko inzitiramibu idashyuha kurusha umuriro afite. Ncyuyamahoro ati: "Ni byo rwose numvaga ngurumana ndetse ndi kumywa n'umuriro." Umuganga amubwira ko marariya ari indwara yica vuba iyo utayivurije igihe. Ncyuyimihigo amwemerera ko guhera ubwo azajya arara mu nzitiramibu, kandi atazongera gushyira ubuzima bwe mu kaga. Amusaba kumusobanurira ibindi yakora ngo arusheho kwirinda marariya.

Umuganga arakomeza ati: "Marariya iterwa n'imibu. Ni ngombwa kwirinda icyayikurura cyose, usukura aho utuye, utema ibihuru, ukanasiba ibidendezi birekamo amazi kuko ari ho imibu yororokera." Ncyuyamahoro aramushimira maze barasohoka. Bageze hanze basanga Nyiramwishywa abategereje, anezezwa no kubona atagifite umuriro. Aravuga ati: "Imana ishimwe ko yorohewe. Ikibazo gisigaye, ni uko nta mafaranga ahagije mfite yo kumwishyurira.

Umuganga aramuhumuriza. Amubwira ko Ncyuyamahoro basanze afite ikarita y'ubwisungane mu kwivuza ko yishyura igiceri k'ijana. Nyiramwishywa biramushimisha ntiyongera guhangayika. Aramuherekeza amugeza iwabo mu rugo. Kuva ubwo Ncyuyamahoro atangira kurara mu nzitiramibu. Ubu ni umwana ufite ubuzima bwiza kubera kutarwara marariya.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ncyuyamahoro yari yafashwe n'iyihe ndwara?
2. Ni ibihe bimenyetso by'uburwayi yagaragazaga?
3. Ni iki cyari cyateye Ncyuyamahoro kurwara?
4. Ni iki wakora kugira ngo wirinde marariya.
5. Ni iki wakora uramutse ufashwe n'indwara ya marariya?
6. Sobanura akamaro ko kugira ubwisungane mu kwivuza.

# Umutwe wa 3:

# Uburenganzira n'inshingano by'umwana

## Bibagiwe inshingano zabo




Umubyeyi Mukamfizi yagiye ku isoko, asigira abana be inshingano. Abo bana ni Mugabo, Mukamuhire, Cyubahiro na Gatesi. Mbere yo kugenda, yarababwira ati: "Ngiye ku isoko. Mugume ku rugo, mukore isuku, mwoze ibyombo kandi mwibuke no gukora imikoro. Muramenye ntimusige urugo, muri iyi minsi hateye abajura bataza kutwiba."

Amaze kugenda, abana bigabanya imirimo. Mugabo na Gatesi basukura inzu, barangije bahanagura ibirahure n'intebe, banategura mu ruganiriro. Mukamuhire na Cyubahiro bogeje ibyombo, barabihanagura babyanika ku gatanda, barangije bakora n'isuku mu gikoni. Ntibibagiwe no gukora imikoro bahawe. Abakuru bakosorera barumuna babo ibyo bakoze, banabasomera inkuru.

Imirimo bahawe bayirangije, bakina umukino wo kwihishana. Hashize umwanya, Mugabo aravuga ati: "Nimureke tuge gukina agati mu kibuga." Mukamuhire yungamo ati: "Icyo gitekerezo ni inyamibwa!" Cyubahiro ati: "Nange nikundira kwiruka." Gatesi abisamira hejuru ati: "Nange ni uko!" Bageze ku kibuga bahahurira n'abandi bana bakora amakipe abiri. Bakina agati biratinda, bibagirwa ko bahawe n'inshingano yo gusigara ku rugo. Nyina agarutse asanga inzu abajura bayejeje. Ibyombo byose babitwaye, na radiyo bumviragaho ibiganiro ntibayisiga.

Nuko ahamagara abana ngo ababaze uko byagenze. Babonye ibyabaye, batangira guhomvomvywa n'amakosa bakoze. Mugabo ati: "Ni Cyubahiro wadushutse ngo tuge gukina."
Cyubahiro na we ati: "Ni Mugabo wabiteye kuko ari we mukuru." Naho Mukamuhire ati: "Ndumva rwose mwahomvomvye nyamara twese twabigizemo uruhare."



Nyina abyumvise arababwira ati: "Bana bange nimurekere aho guhomvomvwa no kwitana ba mwana. Mumenye ko mugomba kwita ku nshingano zanyu zose. Ubu muri mu gihe k'iterambere. Ntimuzi ko ababyeyi bacu bari bararushye? Bahingishaga imfwati, bakajya gupagasa mu bindi bihugu, bakagenda bahomvomvwa basaba akazi mu ndimi batazi."

Iyo bagarukaga, basangaga amatungo basize inzara n'indwara byarayakapfakapfye kuko ntawayitagaho. Ibintu byose twagezeho twiyushye akuya, tugomba kubisigasira. None rero nimwumve ko namwe mufite inshingano zo gusigasira ibyo mba nabasigiye. Hari inshingano mwubahirije, ariko imwe mutubahirije yatumye duhomba byinshi. Muge mwumvira kandi mwite ku nshingano babahaye. Gukina ni uburenganzira bwanyu ariko ntibigomba kubatesha inshingano mufite."
Kuva ubwo barihana ntibongera guteshuka ku nshingano zabo.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Abana ba Mukamfizi ni bande?
2. Nyina agiye ku isoko yabasigiye izihe nshingano?
3. Habaye ikihe kibazo abana bagiye gukina?
4. Ni ibiki wanenze ku bana bavugwa mu nkuru?
5. Vuga isomo ukuye muri iyi nkuru.
6. Ni ubuhe burenganzira bw'umwana uzi?

# Inama nziza za sogokuru



Twagiye gusura sogokuru mu biruhuko maze tuganira ku nshingano zacu nk'abana. Yatubwiye uko tugomba kujya twitwara mu buzima bwacu. Yatwibukije kujya twumvira abarezi n'ababyeyi tukanabafasha aho bishoboka. Yatubwiye ko buri gihe tugomba kujya twirinda ibintu byatwangiriza ubuzima, adushishikariza no gukunda imikino.

Yakomoje ku biyobyabwenge, atubwira ko tugomba kubyirinda, kimwe n'ibindi bintu byose byatwangiriza ubuzima. Yashimangiye ko umuntu wabaswe n'ibiyobyabwenge usanga nta gatege na mba afite. Ndetse akapfakapfwa n'indwara, ntashobore no kwiteza imbere.

Twabajije sogokuru amoko y'ibiyobyabwenge. Aratubwira ati: "Ibiyobyabwenge birimo inzoga, itabi, kore n'ibindi bisindisha abantu biyahuza." Yaratwihanangirije aratubwira ati: "Nimunyumve bana bange. Ntimuzigere na rimwe muryarywa n'abanywi b'ibiyobyabwenge ngo babibashoremo. Muzirinde kandi ababashuka. Bashobora kubashora mu ngeso mbi z'ubusambanyi maze mukandura indwara zitandukanye zirimo na virusi itera Sida."



Sogokuru yadutembereje aho ahinga imbuto zitandukanye. Akomeza atuganiriza ku byo twakora kugira ngo tubungabunge ubuzima bwacu. Yanatujyanye aho yagika imitiba, tuhageze aratubwira ati: “Kugira ngo mubungabunge ubuzima bwanyu mugomba kwihatira kujya mufata indyo yuzuye.” Yadusobanuriye ko iyo inzuki zahovye mu ndabo zikora ubuki. Ubuki buba bwahovwe n’inzuki ni ingirakamaro cyane. Indabo zihovwamo ubuki ziba ari iz’ibiti bitandukanye, bityo ugasanga buvura indwara nyinshi.

Sogokuru yatugiriye inama atubwira ko amagara aseseka ntayorwe. Yatubwiye ko ubuzima buzira umuze ari bwo soko y’amajyambere. Ngo amagara ntagurwa amagana, kandi iyo asesetse ntayorwa. Yatubwiye ko tugomba kwirinda ibyakwangiza ubuzima bwacu. Yanongeyeho ko igihe twumva tutameze neza tugomba kwihutira kujya kwa muganga kugira ngo twivuze hakiri kare indwara zitaratubamo karande.

Uwo munsi watubereye mwiza cyane. Bwagiye kwira twumva tumaze kugira intego nziza. Twibukiranyije ko kwirinda ibyakwangiza ubuzima ari imwe mu nshingano yacu yiyongera ku zindi dusanzwe tuzi. Twabonye ko umwana urinda ubuzima bwe yiga neza, akazagirira igihugu akamaro. Naho utita ku buzima bwe bumubera umutwaro. Nta kintu cyaruta kugira ubuzima bwiza. Bityo turusheho kububungabunga!

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Mu nkuru ni bande bagiranye ikiganiro?
2. Ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ni izihe? Wabyirinda ute?
3. Kugira ngo tugire ubuzima bwiza tugomba kurya indyo imeze ite?
4. Ni iyihe nama wagira abana banywa ibiyobyabwenge?
5. Ni irihe somo iyi nkuru igusigiye?
6. Kuganira n’abantu bakuru bigufitiye akahe kamaro?

# Mfwati yisubiyeho



Mfwati ni umwana w'umuhungu wiga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ababyeyi be Semwishywa na Nyiramanywa bahora bahangayikishijwe n'uko asuzugura, ntagire isuku kandi ntakunde kwiga.

Umunsi umwe, Mfwati yagiye ku musozi wa Gahomvomvywa, aho kujya kwiga. Yiriweyo areba aho inzuki zahovye ubuki. Butangiye kwira, yibaza icyo ari bubwire iwabo biramushobera. Mfwati yari yakapfakapfye kubera inzara. Mu gihe yicaye yubitse umutwe mu maguru, umwarimu wabo Mpyorero amunyuraho avuye kwigisha. Amubonye aramuhamagara ati: "Mfwati, urakora iki aho? Ni iki cyagusibije ishuri?" Aramuhagurutsa, aramusindagiza maze barataha.

Mu nzira, aboneraho umwanya wo kumuganiriza no kumugira inama. Aramubwira ati: "Mfwati mwana wange, si byiza gusiba ishuri kandi ntugasuzugure ababyeyi bawe. Umwana wese afite uburenganzira bwo kwiga, kuvuzwa no kurindwa imirimo ivunanye. Umwana afite inshingano zo kubaha ababyeyi cyangwa abamurera. Agomba kubafasha imirimo yo mu rugo itavunanye. Umunyeshuri nkawe agomba kwirinda kuryarywa n'abashaka kumushuka."

Arongera aramubaza ati: "Ubu se ko wiriwe muri iri shyamba rya Gahomvomvywa wungutse iki? Mfwati n'ikiniga kinshi ati: "Nta cyo. Niriwe ndeba aho inzuki zihova ubuki none nakapfakapfwe n'inzara ndetse n'umunaniro." Mfwati yongeraho ati: "Ababyeyi bange bambabariye irya none, sinazongera gusuzugura."

Ntibyatinze bagera iwabo wa Mfwati. Mpyorero arasuhuza Semwishywa aramwikiriza. Agikubita amaso umuhungu we ati: “Mfwati, wiriwe he koko?” Yongeraho ati: “Mwana wange uranze urananiye!” Mfwati acyumva ayo magambo asaba imbabazi ati: “Dawe, mbabarira nagiriwe inama n’umwarimu wange, none nisubiyeho rwose. Sinzongera gusuzugura, kugira umwanda no gusiba ishuri. Ngiye kuba intangarugero muri byose.” Se n’agahinda kenshi ati: “Reka mbitege amaso!” Umwarimu wa Mfwati ati: “Nimumubabarire, yambwiye ko agiye kwisubiraho kandi nange mbemereye ko tuzakomeza kumukurikirana.” Semwishywa ashimira Mpyorero igikorwa kiza yakoze aramuherekeza arataha.



Ku mugoroba bamaze gufungura baratarama. Mfwati arongera asaba imbabazi ababyeyi be n’abavandimwe be bose. Araterura ati: “Babyeyi bange namwe bavandimwe, ndabasaba imbabazi ko ntazongera kuzerera, kugira umwanda no gusiba ishuri. Mumbabarire kandi ndasaba imbabazi z’andi makosa yose nabakoreye.” Ababyeyi n’abavandimwe be bose bamukomera amashyi, barishima maze baramubabarira. Kuva ubwo Mfwati aba umwana wubaha, agakora imirimo yose ashoboye.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru?
2. Mfwati yasibye ishuri yagiye he?
3. Se amaze kumubaza aho yiriwe Mfwati yabigenje ate?
4. Ku bwawe ni izihe nshingano z’umwana?
5. Ni iki ushima Mfwati?
6. Uturanye n’abana bameze nka Mfwati wabagira iyihe nama?

# Kanyana muri pariki



Hafi ya Pariki y'Akagera, hatuye umuryango ufite umwana witwa Kanyana. Batuye hafi y'umuhanda ukunda kunyurwamo na ba mukerarugendo.

Abenshi bahanyura baba bagiye gusura ibyiza nyaburanga byo muri Pariki. Kanyana ahora ashaka kumenya impamvu bakunda gusura Pariki y'Akagera. Yiyemeje kuzabaza nyina Nyiramwezi icyo abo bantu baba bagiye gukorayo.

Umunsi umwe, Kanyana yabonye imodoka inyuze ku irembo ry'iwabo abaza nyina ati: "Ese bariya bantu baba bagiye hehe? Nyina aramusubiza ati: "Humura uracyari muto, uzaba ubimenya nukura." Kanyana ntiyacika intege akomeza kujya abaza nyina. Nyiramwezi abonye ukuntu umukobwa we Kanyana akomeza kumubaza, aramubwira ati: "Mwana wange bidatinze nawe nzakujyanayo wirebere icyo bajya gukorayo."

Bukeye bwaho, Nyiramwezi ahamagara umukobwa we ati: "Kanyana Kanyana, ngwino nkongorere mwana wa!" Kanyana aza yiruka atega nyina ugutwi ngo amwongorere. Nyiramwezi ati: "Itegure, wambare neza, uyu munsi tujyane n'abandi bantu bagiye muri pariki!" Kanyana ahita ajya koga, yambara akajipo, agashati n'udukweto nyina yamuguriye mu gihe k'iminsi mikuru ya Noheri n'Ubunani.



Nyiramwezi na Kanyana bahise batega imodoka igana muri pariki. Bakinjira muri Pariki babona ibitera birimo gusimbuka mu biti. Bimwe byanyuzagamo bigahagarara ku maguru abiri nk'abantu. Kanyana abibonye biramutangaza cyane. Abandi bantu bari baje gusura inyamaswa muri pariki bamubwira ko hari n'izindi bijya kumera kimwe nk'inkende n'ingagi. Bamubwiye ko ingagi ziba mu birunga kandi ko zinjiza amafaranga menshi cyane Igihugu kifashisha mu kubaka ibikorwa remezo nk'amashuri, amavuriro, imihanda ndetse no gufasha abatishoboye.


Bigiye imbere gato babona imparage n'impara zirimo kurisha. Kanyana arishima akoma mu mashyi, aravuga ati: "Mbega inyamaswa zifite amabara meza weee!" Mu kanya gato bumva intare iratontomye maze Kanyana agira ubwoba yegera nyina. Kanyana atangazwa no gutontoma kw'intare. Hirya gato bahabonye inzovu barahagarara. Kanyana ayikubise amaso aratangara kubera ubunini bwayo. Babonye twiga, Kanyana ati: "Mbega inyamaswa ndende!"

Bari munzira bataha, Nyiramwezi yabwiye Kanyana ko inyamaswa yabonye muri pariki ari bimwe mu bidukikije. Amusobanurira ko zifitiye Igihugu akamaro kanini. Abazisura binjiriza amadovize Igihugu kikiteza imbere. Yamubwiye ko ari ngombwa kubungabunga ubuzima bwazo. Kanyana yiyemeza kujya abishishikariza bagenzi be.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni iyihe pariki Kanyana na nyina basuye?
2. Ni izihe nyamaswa Kanyana yabonye muri pariki?
3. Ni akahe kamaro k'inyamaswa kavugwa mu nkuru?
4. Uretse inyamaswa zo mu gasozi mwumvise mu nkuru, izindi zo mu gasozi muzi ni izihe?
5. Sobanura ibyiza n'ibibi waba uzi ku nyamaswa ziba muri pariki.
6. Ni gute wabungabunga inyamaswa?

# Twasobanuriwe inyamaswa zo mu gasozi




Nitwa Nshuti niga mu mwaka wa gatatu. Umunsi umwe, umwarimu wacu Nkundimfura yatwigishije inyamaswa zo mu gasozi n'aho ziba. Yatubwiye ko muri izo nyamaswa harimo: intare, inzovu, imparage, twiga n'imvubu. Izo nyamaswa zimwe zikaba ziba mu mazi izindi zikaba mu mashyamba.

Atangiye kudusobanurira yahereye ku ntare. Atubwira ko ari indyanyama, zikunda guhiga indyabyatsi nk'impara, imparage n'impongo. Intare y'ingabo yitwa umwami w'ishyamba. Iratontoma izindi nyamaswa ziyumvise zikayihungira kure.

Yakomeje adusobanurira imiterere y'inzovu. Atubwira ko ari inyamaswa nini mu ziba mu gasozi. Ifite izuru rirerire ryitwa umutonzi kandi ni indyabyatsi. Umwarimu yaratubajije ati: "Indyabyatsi bivuga iki?" Mutesi asubiza ko ari inyamaswa zirya ibyatsi." Aramushimira, atubwira ko inzovu ishobora gupima ibiro ibihumbi birindwi, ikagira uburebure bugera kuri metero enye.  Twese twariyamiriye kuko twumvaga itangaje. Yongeyeho ko inzovu ziba mu miryango kandi buri muryango ukagira umutware. Izikuze zimenya into zikazirinda ndetse zikazigaburira.

Ntibyatinze adusobanurira imiterere y'inyamaswa yitwa twiga, atubwira ko ifite amaguru ndetse n'ijosi birerire. Ni inyamaswa iba mu ishyamba igira ijosi ririre yifashisha irisha ibibabi by'ibiti birebire. Ntikenera kwisumbukuruza kuko ari ndende bihagije ari na yo mpamvu bayita agasumbashyamba. Ishobora kugira metero eshanu z'uburebure.  Na yo ni indyabyatsi.



Umwarimu wacu yatubajije imwe mu nyamaswa zizi kwiruka. Kayumba avuga imparage. Ati: “Ni byo koko. Imparage zizi kwiruka. Ibyago zigira ni uko zihigwa n’intare n’izindi nyamaswa zishaka kuzirya.” Zigira isura nziza n’amabara anogeye amaso. Amabara yazo ni umweru uvanze n’umukara. Imparage na zo ni indyabyatsi.

Yadusabye kumubwira zimwe mu nyamaswa ziba mu birunga. Ntaganzwa avuga ingagi. Amaze kumushimira, adusobanurira ko ingagi ari indyabyatsi. Zikunda kwibera muri Pariki y’Ibirunga kuko zikunda ubukonje cyane. Ingagi y’ingabo iba ari nini kuruta iy’ingore. Ingagi zo mu Rwanda zisurwa na ba mukerarugendo bakadusigira amadovize.

Asoza, umwarimu yatwigishije imvubu. Ni inyamaswa ziba mu mazi. Ziza imusozi zigiye kurisha. Akenshi zikigumira mu mazi zanga ko izuba ryazica. Imvubu ziza ku mwanya wa gatatu mu bunini mu nyamaswa zose zo mu gasozi. Abanyeshuri twese twishimiye inyamaswa twize, twiyemeza kuzisobanurira abo mu rugo.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Inyamaswa zavuzwe mu nkuru ziba hehe?
2. Vuga inyamaswa z’indyanyama zavuzwe mu nkuru?
3. Ni ikihe kibazo gikomeye imparage zihura na cyo?
4. Vuga izindi nyamaswa z’indyabyatsi uzi zitavuzwe mu nkuru?
5. Ni akahe kamaro k’amadovize yinjizwa na ba mukerarugendo?
6. Iyi nkuru ikwigishije iki?


# Kamari na Kantengwa



Kamari na Kantengwa bari batuye hafi y'ishyamba. Bari barabwiwe  ko muri iryo shyamba habamo inyamaswa z'inkazi zigira amahane. Iyo basigaraga ku rugo bonyine, batinyaga gutarabuka kugira ngo badahura na zo. Buri gihe bakiniraga mu mbuga y'iwabo, ntibayirenge. Rimwe na rimwe bakanyuzamo bakibaza iby'inyamaswa zo mu ishyamba.

Umunsi umwe bari basigaye mu rugo bonyine, maze batangira kwibukiranya zimwe mu nyamaswa bazi. Nuko bakora urutonde rwazo bagenda bazandika ku kibaho bifashisha basubiramo amasomo yabo. Uko umwe avuze inyamaswa, undi akayandika ku kibaho n'ingwa, gutyogutyo.

Ku mugoroba, se atashye yicarana na bo baraganira. Bamubwira ko baganiriye ku nyamaswa zo mu gasozi. Bamurondorera izo babonye maze se ababwira n'izindi batibutse zirimo: urusamagwe, impyisi, bamwe bita Bihehe, isatura, impara, imparage, impongo, inzoka, imbwebwe n'izindi. Kamari na Kantengwa batangira kubaza se niba inyamaswa zivuga. Se abasobanurira ko inyamaswa zitavuga nk'abantu. Yakomeje ababwira ko buri nyamaswa igira urusaku rwayo bityo umuntu uzizi bikamworohera kuzitandukanya .




Kamari amusaba kubasobanurira urusaku rw'izo nyamaswa. Se aramusubiza ati: "Mumpe akanya mbitekerezeho ndababwira urusaku rw'izo nibuka." Se yamaze akanya atekereza, maze araterura ati: "Impyisi irahuma, imbebwe iramoka, intare iratontoma, imbeba irajwigira, inzoka iravugiriza. Ingwe irahara, imbogo irabira naho yaba ifite umujinya igapfuna. Impongo irakorora, umusambi ugahiga. Inyamaswa ni nyinshi sinazibuka zose. Izisigaye, bana bange muzasome mu bitabo mwumve na radiyo."

Kantengwa yakomeje kugira amatsiko cyane, abaza se niba izo nyamaswa zishobora kubana n'abantu. Se ati: "Reka da! Inyamaswa zo mu gasozi, inyinshi ziba ari inkazi. Ntizibana n'abantu zabamara ahubwo bagomba kuzitwararikaho. Nk'ingona ni inyamaswa y'ingome ikunda kwica abantu. Uramutse uyibonye uri mu mazi, wakwihutira kugera ku nkombe ukiruka usakuza cyane kuko itajya yihanganira urusaku."

Arakomeza ati: "Uramutse uhuye n'imvubu, wakwihutira kurira igiti kuko itabibasha. Ikwirutseho, wakwitegereza neza inzira yerekeyemo ukerekera indi nzira. Guhindukira ni ibintu bigora imvubu. Imvubu yibera mu mazi. Ishobora no kuza imusozi ije kurisha. Inyamaswa zo mu gasozi, ni ngombwa kuzigendera kure. Ariko kubera akamaro zidufitiye, tugomba kuzibungabunga."

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa muri iyi nkuru?
2. Ni izihe nyamaswa zavuzwe muri iyi nkuru?
3. Ni ikihe kibazo gikomeye Kamari na Kantengwa bibazaga ku nyamaswa zo mu gasozi?
4. Watanga iyihe nama ku bantu bashobora kugira aho bahurira n'inyamaswa z'inkazi?
5. Inyamaswa zo mu gasozi zidufitiye akahe kamaro?
6. Ni iyihe nama wagira abahigi bica inyamaswa zo mu gasozi?

# Tuzirindire ubuzima



Hafi ya Pariki y'Akagera, hatuye umugabo w'umushimusi witwa Semacwa. Buri munsi ajya gutega inyamaswa zo muri iyo Pariki. Iyo ugeze iwe mu ruganiriro, ubona aho yagiye amanika impu z'inyamaswa ku nkuta. Yaba izikuze ndetse n'ibyana byazo. Kubera ko kizira kwica inyamaswa zo muri pariki, ababishinzwe bashyizeho abarinzi bahora bacunga uwahungabanya ubuzima bw'inyamaswa.

Umunsi umwe, Semacwa yazindutse ajya guhiga. Ategа imitego myinshi mu ishyamba no mu nkengero za pariki aho inyamaswa zikunda kunyura. Ubwo yashakaga inyama z'inyamaswa cyangwa impu zazo. Amaze gutega imitego yagiye kwihisha.  Ajya hafi y'umwobo warimo ibibwana by'impyisi n'imbwebwe, ariko akomeza kugenzura imitego ye.

Hashize umwanya, imparage n'impara ziri kumwe n'ibyana byazo zinyura aho umutego uri zirisha. Imparage imwe ifatwa mu mutego urayinaganika irataka cyane. Izindi nyamaswa zirahunga. Ubwo Semacwa yahise yihutira kujya kureba igifashwe mu mutego we. Urusaku rw'imparage zahungaga, rwakanze utwana tw'impara n'impongo. Ibyana by'inyoni n'imishwi y'inkware byari hafi aho nabyo byagize ubwoba.

Semacwa yegereye ya mparage atangira kuyizirika amaguru n'amaboko kugira ngo ayice. Umurinzi wa Pariki y'Akagera yumvise urusaku rw'inyamaswa aza kureba ikibaye. Yatunguwe no kubona imparage yashegeshwe n'umutego na Semacwa arimo kuyihambira. Umurinzi wa Pariki aramutwama amubwira ko atari byiza kwangiza ubuzima bw'inyamaswa ko ahubwo agomba kuzirinda. Semacwa yaramwaye abura aho yerekeza, arekura ya mparage iragenda. Umurinzi amwambika amapingu aramujyana.




Bari mu nzira bagenda, bahuye n'abana bavuye ku ishuri. Abo bana babaza umurinzi wa pariki icyo uwo mugabo yakoze. Umurinzi arababwira ati: "Uyu mugabo mureba, namufashe agiye kwica inyamaswa, kandi ni icyaha gikomeye ndetse gihanirwa." Abo bana bahise bamubwira ko abarimu babo, na bo bababwiye ko bagomba kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa zo mu gasozi.

Semacwa yahise asaba imbabazi yenda kurira. Abanyeshuri babonye agiye kurira kandi ari umuntu mukuru, bamutakambira ku murinzi wa pariki. Umurinzi yababwiye ko icyaha ke nta ho gitaniye no kwangiza ubuzima bw'Igihugu. Ababwira ko amadovize inyamaswa zinjiza, atuma Igihugu gitera imbere. Bakomeje gutakamba, wa murinzi wa pariki amugirira impuhwe, aramurekura arataha. Kuva ubwo Semacwa ntiyongeye guhiga inyamaswa.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Semacwa yakoraga uwuhe mwuga ?
2. Ni izihe nyamaswa zagize ubwoba ?
3. Mu nkuru kwica inyamaswa byagereranyijwe n'ikihe cyaha?
4. Ni iki wanenga Semacwa ?
5. Uretse inyamaswa Semacwa yashakaga kwica, izindi nyamaswa zo muri pariki zibasirwa na ba rushimusi ni izihe?
6. Watanga iyihe nama ku bantu bahohotera inyamaswa zo mu gasozi?


# Irushanwa ry'ubwiza



Igihe kimwe, intare umwami w'ishyamba yaribwiye iti: "Ko inyamaswa zose nzirusha imbaraga, namenya nte inyamaswa iduhiga twese mu bwiza?" Bukeye intare ifata umwanzuro wo gutumira izindi nyamaswa kugira ngo izimenyeshe ko yateguye irushanwa ry'ubwiza. Ni ko gutumira inyamaswa zose izisaba kwitabira irushanwa.

Hashize iminsi mike, inyamaswa zose ziteranira ibwami. Zihageze intare izibwira icyo yazihamagariye. Izisaba ko zatangira kwitegura irushanwa. Zose zirabyishimira zihagurukana umugambi wo kuzatsinda irushanwa. Inyinshi muri zo zagaragaje ko zari zifite amatsiko yo kubona umunsi ugeze kugira ngo zirushanwe.

Bukeye inyamaswa zitangira imyiteguro yo kwitabira irushanwa. Ikinyugunyugu kigatera hejuru kivuga kiti: "Mfite amababa meza, nzatsinda irushanwa!" Inzovu ikazamura umutonzi wayo ivuga iti: "Ikamba ni iryange." Twiga na yo ikazamura ijosi ivuga iti: "Ijosi ryange rirankijije wee!" Igikeri aho gisutamye kitegereza uko za nyamaswa zitaka, amarira akakibunga mu maso kikibwira kiti: "Aya magaragamba yange ankozeho, ni nge uri bube uwa nyuma, reka nibura mfashe bagenzi bange kwitegura irushanwa wenda uributsinde azangororere."




Igikeri gifasha inyamaswa zose kwisukura kugeza ubwo zirabagirana. Inzovu itaraherukaga gusukura amahembe yayo igikeri kirayasukura kugeza abengeranye. Igikona kitaherukaga amazi umubiri wacyo urabengerana. Igikeri gifasha twiga gusukura ijosi ryayo, irangurura ijwi ivuga iti: “Yoo! Ni nge uri buhige izi nyamwasa zose!” Intare umwami w’ishyamba aho yicaye, yakomeje kwitegereza uko igikeri gifasha izindi nyamaswa kwisukura. Izunguza umugara isubira mu ntaho yayo.
Umunsi w’irushanwa ugeze, inyamaswa zose zitangira kwiyereka. Igikeri cyari kicaye ahirengeye kizitegereza. Buri nyamaswa ihise kikayikomera amashyi kivuga kiti: “Mbega inyamaswa nziza wee! Reba twiga nasukuye weee! Reba igikona na cyo cyakeye wee!”

Intare umwami w’ishyamba ikomeza kureba uko buri nyamaswa inyura imbere yayo yiyereka, kugeza ubwo zose zirangiye. Hanyuma irazibwira iti: “Nshuti zange, buri wese yakoze uko ashoboye kugira ngo yitegure irushanwa. Ariko nyamara inyamaswa nziza muri twese ni ifite umutima mwiza kuturusha.” Uwo mwanya, intare irahaguruka ifata ikamba ribengerana ryari ryateguwe iryambika igikeri kuko cyarushije izindi nyamaswa umutima mwiza. Inyamaswa zose zikomera igikeri amashyi. Kuva uwo munsi, inyamaswa zose zimenya ko ineza y’umuntu ari bwo bwiza bwe.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Vuga amazina atanu y’inyamaswa zivugwa mu nkuru?
2. Kuki igikeri cyabanje kwiheba kivuga ko kitazatsinda irushanwa?
3. Kuki igikeri cyatsinze irushanwa ry’ubwiza?
4. Kuki tugomba gufashanya mu buzima?
5. Ubwiza bukenewe mu isi dutuyemo ni ubuhe?
6. Iyi nkuru ikwigishije iki mu buzima busanzwe?

# Inyamaswa ni ibyiza bitatse u Rwanda



Umunsi umwe, umwarimu wacu Ntwazamirera yatwigishije ibyiza bitatse u Rwanda. Yatubwiye ko ibyo byiza nyaburanga bitatse u Rwanda birimo ingeri nyinshi. Yadusobanuriye ko inyamaswa zo mu gasozi ari bimwe mu byiza bitatse u Rwanda. Twanabonye kandi ko izo nyamaswa zirimo izigira amahane zitwa inkazi, zishobora gukomeretsa no kwica abantu. Harimo n'izibera mu mutuzo ku buryo abantu bazegera nta kuzishisha.

Twakomeje gusobanuza umwarimu wacu ibijyanye n'imibereho n'imivugire by'inyamaswa zimwe na zimwe. Yatubwiye ko inyamaswa ziba ahantu hatandukanye kandi ko zigira imivugire yihariye. Atubwira ko hari inyamaswa ziba mu bihuru no mu mashyamba nk'intare itontoma, urusamagwe n'ingwe bihara. Adusobanurira ko impyisi zihuma zikaba mu masenga naho imbwebwe zikamoka, inturo zo zigahirita. Ikindi kandi, ngo hari inyamaswa zitunzwe no kurya inyama bita indyanyama. Hari n'izindi nyamaswa nk'inkura, inzovu, impara, imparage, impongo zitunzwe no kurisha, zo zikitwa indyabyatsi.

Umwarimu wacu yakomeje kutwigisha. Atubwira ko tutagomba kwirengagiza ko inyoni ari ibiguruka biba mu mashami y'ibiti mu mashyamba. Twamubajije uko inyoni zivuga, atubwira ko inyoni ziririmba. Ziririmba mu majwi meza mu museso, tukamenya ko bugiye gucya. Umwarimu wacu yakomeje atubwira ko hari n'inyamaswa ziba mu mazi nk'ingona n'imvubu. Ingona n'imvubu n'ubwo ziba mu mazi ngo zishobora kujya imusozi iyo zigiye gushaka ibizitunga.



Twageze ku bijyanye n'imyororokere y'inyamaswa, umwarimu adusobanurira agira ati : « Mu myororokere y'inyamaswa hari inyamaswa usanga zishobora kugira ibyana byinshi ndetse hari n'izindi zibyara icyana kimwe. "Ngo inyamaswa nyinshi nk'inkwavu, amasatura, impyisi, imbwebwe... zikunze kugira ibibwana byinshi. Gusa ngo ibyana by'inyamaswa z'indyabyatsi bikunda guhura n'ingorane mu mikurire yabyo kuko usanga ziribwa n'inyamaswa z'inkazi.

Twashoje isomo umwarimu wacu atubwira ko inyamaswa zidufitiye akamaro kanini. Uretse kuba ari ibyiza bitatse u Rwanda, zikurura ba mukerarugendo bityo zikinjiriza Igihugu cyacu akayabo k'amadovize. Yatubwiye ko ingagi zo mu birunga ari urugero rufatika rw'inyamaswa zo mu gasozi zinjiza amadovize menshi. Ubu twese twamenye ko tugomba kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa zo mu gasozi kubera ko zidufitiye akamaro.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Kubera iki hari inyamaswa abantu batinya bakaha n'izindi batinyuka?
2. Vuga urusaku rw'inyamaswa zikurikira: intare, impyisi, inturo.
3. Vuga itandukaniro riri hagati y'inyamaswa z'indyanyama n'indyabyatsi?
4. Ukeka ko u Rwanda rukoza iki amadovise ba mukerarugendo baruzanira?
5. Ubonye umuntu arimo guhiga inyamaswa zo mu ishyamba wamugira iyihe nama?
6. Ku munsi uzwi "Kwita Izina Ingagi" hakorwa iki?

# Mutamu yasabye imbabazi



Kera habayeho ihene ikagira abana benshi. Mutamu na Musheru ni zo zari ihene nkuru. Nyina yari ishaje, nuko ihamagara za hene nkuru mu zindi, irazibwira iti: "Bana bange rero, murabona ko maze gusaza. Nkeneye ko umwe muri mwe azansimbura, akaba umutware w'umuryango."

Nuko za hene zibyumvise, buri yose yumva ishatse gusigarana ubutware. Musheru itera hejuru iti: "Ni nge wabishobora." Mutamu na yo, mu ijwi rituje iti: "Nyamara ni nge wabishobora." Nuko nyina irazibwira iti: "Kugira ngo haboneke uzasigarana ubutware, ngiye kubaha umukoro, uwukora neza abe ari we uzegukana ubutware."

Za hene zitega amatwi kuko zari zifite amatsiko. Nyina wa Mutamu na Musheru irazibwira iti: "Ngiye kubatuma ku isoko kungurira amagi, umunyu n'ifu. Ndabaha amafaranga angana, hanyuma buri wese ahitemo isoko ashaka, ahahe neza. Nimugende mutebuke duteke." Muri ako kanya, Mutamu na Musheru zishyira nzira zijya mu masoko atandukanye. Mu guhindukira zivuye guhaha, zihurira mu nzira buri yose itwaye agafuka karimo amagi, ifu n'umunyu.



Mu nzira zitaha, zinyura ku muzinga w'inzuki. Mutamu isaba Musheru ko zibanza guhakura ubuki. Musheru irayihakanira. Mutamu ijya guhakura, inzuki zirayidwinga ikizwa n'amaguru. Amagi yari mu gafuka yitura hasi arameneka. Musheru iti: "Sinari nakubujije?" Mutamu iti: "Mbabarira sinzongera, kandi umfashe gusaba mama imbabazi kuko mbonye ko atari byiza guhubukira ibyo mbonye byose."


Zakomeje kugenda zigera ku mugezi. Musheru na Mutamu zibona abarobyi bari mu bwato baroba amafi. Mutamu ibwira Musheru iti: "Hagarara gato tubanze tuge mu mugezi twoge, cyangwa twirobere amafi." Musheru irayihakanira. Mutamu ihita ihambira agafuka ku mugongo maze yidumbura mu mazi. Ifu n'umunyu yari ifite bishongera mu mazi. Hanyuma zifata inzira zirataha, zitunguka mu rugo aho nyina yari yicaye izitegereje.

Musheru yari yikoreye agafuka karimo amagi, ifu n'umunyu naho Mutamu ifite agafuka karimo ubusa. Nyina iyibajije aho ibyo yayitumye biri igira ikimwaro. Ibura aho ihera isaba imbabazi, igeze aho iriyandayanda iti: "Mumbabarire, kuva ubu ngomba kwikosora nzajya nubahiriza inama ngirwa." Nyina irayibabarira. Kuva ubwo Mutamu yisubiraho naho Musheru igirwa umutware w'umuryango ityo.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Ni ikihe kifuzo nyina wa Mutamu na Musheru yari afite?
3. Kubera iki Mutamu yasabye nyina imbabazi?
4. Ni nde unenga mu nkuru? Kubera iki?
5. Ni nde ushima mu nkuru? Kubera iki?
6. Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru?

# Ntituzongera gutongana



Hariho abavandimwe babiri umwe yitwaga Muneza undi akitwa Mutsinzi. Bahoraga bacyocyorana, umwe yiyenza ku wundi nyamara bapfa ubusa. Iyo ababyeyi babasigiraga ibyo gukora, barasiganaga, bagatongana kugeza ubwo batashye bagasanga nta cyo bakoze. Iyo babaga basangira ibyo kurya, buri wese yashakaga kubiryaho mbere.

Umunsi umwe, se yabahaye amacunga atandatu ngo bayasangire. Akimara kuyabaha, Muneza na Mutsinzi basimbukira ku isahani y'amacunga benda gukubitana imitwe! Buri wese ashaka guhitamo bwa mbere.  Baragundagurana nyamara buri wese amaze gufata amacunga ye atatu asanga arangana n'aya mugenzi we.

Iyo iwabo babaguriraga ibitabo byo gusoma, barabirwaniraga bakenda kubishwanyaguza. Ababyeyi babo bahoraga bagerageza kubatoza kubana mu mahoro. Uwo muco bakanga kuwutora. Bibazaga icyo babakorera kikabayobera.  Babaha ibihano bituma bikosora, bikanga bikaba iby'ubusa.

Hari igihe bakina umupira, Muneza yajya kuwutera Mutsinzi akawumwambura. Mutsinzi na we yajya kuwutera Muneza akawumwambura. Muneza akavuga ati: "Uyu mupira, ni ge uwutera bwa mbere."
Mutsinzi na we ati: "Ni ge bawihereye ni ge ubanza kuwutera."

Mutsinzi atera umupira, ku bw'amahirwe make uhera mu ishami ry'igiti. Nuko baricara, batangira kujya inama yo gufatanya ngo bawumanure. Muneza ati: "Reka dutere amabuye mu giti, ahari twahamya umupira wacu ukamanuka." Mutsinzi ati: "Reka reka. Ahubwo dushake ibiti tubihambiranye bibe birebire hanyuma tubizamure bikore ku mupira urahita umanuka." Muneza yemera iyo nama. Bashaka ibiti bifite umubyimba muto kandi bikomeye, barabihambiranya, babikoramo inkoni ndende.




Bagerageza kumanura umupira bibanza kwanga. Igiti cyaburagaho nka metero eshatu ngo kiwugereho. Barongera bashaka ikindi giti kirekire bacyunga n'ikindi. Nuko Mutsinzi aterura Muneza. Amwicaza ku rutugu kugira ngo ya nkoni ibashe kugera neza ku mupira. Bongera kugerageza kuwumanura. Bazamura gahorogahoro cya giti bungikiranyije, ku bw'amahirwe wa mupira bawukozaho igiti uramanuka.

Mbega ukuntu Muneza na Mutsinzi bishimye! Ako kanya bararebana baraseka, barahoberana kubera ibyishimo. Bibonera ko ari byiza kureka gushyamirana no gupfa ubusa. Biyemeza gufatanya muri byose no kubana mu mahoro. Nuko buri wese abwira undi ati: "Ntituzongere gutongana."

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru?
2. Muneza na Mutsinzi bari babanye bate?
3. Babigenje bate kugira ngo bakure umupira mu giti?
4. Iyi nkuru ikwigishije iki?
5. Ni izihe ngaruka zo gutongana?
6. Ubonye bagenzi bawe batongana wabamarira iki?


# Gikeri asura Rusake



Gikeri na Rusake ni inshuti magara. Barangwa no gusurana, gusabana no guhuza urugwiro. Umunsi umwe, Gikeri yabwiye nyina ati: “Nshaka kujya gusura Rusake, ntiduherukanye kandi ndamukumbuye cyane.” Nyina ati: “Icyo ni igitekerezo kiza. Dore twaranasaruye, wamushyira ibigori, uburo n’amasaka.” Gikeri ati: “Ngiye kwitegura kandi ndabizi Rusake arishima cyane.”

Ako kanya, nyina amufata ukuboko aramubwira ati: “Ngwino tuge gushyira imyaka mu giseke umushyire.” Nuko bajya mu kigega badaha uburo, ibigori n’amasaka buzuza cya giseke. Barangije, nyina wa Gikeri aramubwira ati: “Ca bugufi ngukorere iki giseke maze ugende.” Yongeraho ati: “Witonde ugende neza udasitara cyangwa ugatsikira imyaka ikanyanyagira.”
Burya koko ifuni ibagara ubucuti ni akarenge. Rusake yari atuye kure, mu mpinga y’umusozi. Gikeri yarihanganye agenda mu nzira y’igihogere ageraуо nubwo umutwaro wari umuremereye. Yagezeyo arakomanga, Rusake arakingura. Akimukubita amaso abona amababa ye arashashagirana maze aramwenyura. Ni ko kuvuga ati: “Nishimiye kukubona.” Rusake na we ati: “ Egera hino duhoberane nange nari ngufitiye urukumbuzi.”

Rusake yakiriye Gikeri, amuha amazimano nuko aramubaza ati: “Muri iki giseke harimo iki?” Gikeri ati: “Nari nje kukuganuza ku musaruro twejeje, harimo ibigori, uburo n’amasaka.” Rusake ati: “Urakoze cyane kuko bingaragarije ko unkunda kandi unzirikana.” Bombi baraganiriye, babwirana amakuru y’inshuti zabo n’ayo mu miryango yabo. Ikintu bakomeje kuganira cyane ni ukurangwa n’imibanire myiza.



Bamaze gufata amafunguro y'umugoroba, bararyamye bararuhuka. Rusake arara yibaza ikintu yakorera inshuti ye ngo nayo iyigaragarize urukundo. Rusake yigira inama yo kwivanaho amwe mu mababa ye kugira ngo amukorere ikamba ryiza. Umuseso wagiye kugera Rusake yarangije gukora ikamba ryiza. Mu gitondo, Gikeri abyutse asanga yateguriwe ikamba. Nuko Rusake ararimwambika maze Gikeri arishima arahimbarwa ararira.

Rusake abibonye aramubaza ati: "Urarizwa n'iki nshuti yange? Wampaye ibigori, uburo n'amasaka yawe none nange nkwituye ku mababa yange meza. Nta kindi nabonaga nakwitura nk'inshuti nyanshuti. Tuzakomeze kwimakaza imibanire myiza." Gikeri anezezwa n'ayo magambo meza maze arasezera arataha. Mbere yo kugenda, Rusake amusaba kumutangira intashyo ku mubyeyi we anamwizeza ko na we azajya kubasura.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Mu kiganiro Rusake yagiranye na Gikeri ni iki bakomeje kuvugaho cyane?
3. Ni iki Rusake yakoze ashimira Gikeri?
4. Ni ibihe bikorwa bigaragaza ko abantu babana neza?
5. Ni iki wakora kugira ngo urangwe n'umuco w'amahoro muri bagenzi bawe?
6. Mugenzi wawe aguhutaje muri gukina wakora iki kugira ngo wimakaze imibanire myiza?

# Amatungo ya Ncyuyimihigo



Umugabo Ncyuyimihigo yari atunze ihene, intama n'inkoko akabikunda cyane. Urukundo Ncyuyimihigo yari afitiye amatungo ye rwamuteraga guhora ayitaho. Ihene ye yakundaga guhebeba cyane, mu gihe intama yo yarangwaga n'umutuzo. Iyo myitwarire itandukanye y'ayo matungo yashimishaga Ncyuyimihigo. Icyamushimishaga kurushaho, ni ukubona ihene ye isimbagurika ikina mu kiraro, intama ihora ituje ndetse n'uburyo isake ye ibika ikamukangura buri gitondo.

Umunsi umwe Ncyuyimihigo adahari, intama ihamagara ya hene irayibwira iti: "Nshuti yange uyu munsi ndifuza ko tuganira." Ihene irayishwishuriza iti "Nta cyo naganira nawe wa munyamwanda we." Intama ibabazwa n'uko yiswe inyamwanda, niko kuvuga n'agahinda kenshi iti: "Wanteze amatwi ukumva icyo nkubwira ukareka kunsamira hejuru." Nuko ihene icisha make, isaba intama gukomeza ijambo ryayo.

Intama iti: "Umva rero muvandimwe, hari ikintu nshaka kukwisabira. Inshuro nyinshi ujya unsakuriza ku buryo umbuza kwisinzirira. Ntiwamfasha byibura mu masaha ya nijoro ntuge uhebeba cyane, ukabikora gusa ku manywa?" Ihene itera hejuru iti: "Umva mbese! Kino kinyamwanda gusa! Ndakwiyamye ntukivange mu buzima bwange!" Ya hene isimbukira intama ngo iyitere ihembe, intama isa n'ihunga ariko ihene ikomeza kuyikurikirana.

Isake ya Ncyuyimihigo ibibonye iraguruka ijya kuzikiza, birayinanira. Ibonye ko biyigoye, yigira inama yo kuguruka ikajya gutabaza Ncyuyimihigo aho yari yagiye kwahira ubwatsi mu kabande. Ncyuyimihigo yihutira kuza guhosha amakimbirane hagati y'ihene n'intama.



Ihene ibonye Ncyuyimihigo ahageze, iratuza. Ncyuyimihigo afata ijambo ati: “Ni nde wateje amahane mu rugo rwange? Ihene iti: “Iki kinyamwanda cyawe ni cyo cyanyiyenzagaho gishaka kunkubita.” Intama iti: “Mbega ikinyoma cyambaye ubusa! Ndarengana rwose wabaza na mugenzi wacu Rusake yabikurikiranye byose.” Isake isobanura neza uko byagenze nta kubogama. Ihene ikibyumva ihita yemera icyaha isaba imbabazi. Intama na yo ifata ijambo iti: “Ndakubabariye kandi nange umbabarire niba wumva hari aho nagukoshereje.”

Ncyuyimihigo afata ijambo ati: “Mukwiye kujya mubana mu mahoro. Mwese mbatunze kuko mufite akamaro. Buri wese kandi agomba kubahira mugenzi we imiterere ye. Nk’uko bitakorohera ihene kubaho ituje nk’intama, ni na ko n’iyi sake bitayorohera kubaho itabika cyangwa itaguruka. Nuko amatungo ya Ncyuyimihigo ariyunga, yiyemeza kongera kubana mu mahoro.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ayahe matungo Ncyuyimihigo yari yoroye?
2. Ni iki Ncyuyimihigo yakundiraga isake ye?
3. Kubera iki isake yigiriye inama yo kujya gutabaza Ncyuyimihigo?
4. Ni izihe ngaruka mbi zo guhora mu makimbirane?
5. Usanze abana mwigana bari kurwana wabigenza ute?
6. Ni iki wakora kugira ngo ubane neza na bagenzi bawe?


# Yahize abandi mu mikino gakondo



Kera mu Mudugudu wa Hobe hari hatuye umusaza witwa Bwenge. Yari afite abuzukuru bamukunda. Buri mugoroba bajyaga gutaramira iwe. Umunsi umwe bataramye, umwe mu buzukuru be witwa Bitwenge aramubaza ati: "Sogoku, ni iyihe mikino wakundaga gukina ukiri muto?" Sekuru aramusubiza ati: "Nabyirutse nkunda imikino gakondo muhungu wa. Yewe n'ubu uwantiza akabaraga, nayikina pe!"

Bitwenge yongera kubaza sekuru amwe mu moko y'imikino bakinaga. Bwenge arayibarondorera. Yababwiye ko abahungu bakundaga gusimbuka urukiramende, kumasha, imburugushu, gukina igisoro, gutera umuhunda n'indi. Abakobwa bo bakundaga gusimbuka umugozi, kwihishana, gukina ubute, gucamata n'iyindi.

Bukeye bwaho, Bwenge yajyanye abuzukuru be ahitaruye agiye kubigisha imikino itandukanye. Bamusaba kubigisha umukino w'uturundo n'uw'imburugushu kuko ari yo batari basobanukiwe. Yahereye ku mukino wo gukora uturundo tw'umucanga no gufindura igihishemo. Nuko arababwira ati: "Iyo ukina uyu mukino, ucengeza akantu nk'akabuye muri kamwe mu turundo tw'umucanga ku buryo ureba ikirundo atabasha kumenya igicengejwemo. Abandi bana batakoze uturundo, baba bafite inshingano zo kuvumbura akarundo kacengejwemo akantu. Yahitamo nabi agaha abandi umwanya akaba avuyemo. Abasigaye begera hirya, uwavuyemo agafasha uwayoboraga umukino kwimurira akabuye mu kandi karundo. Abandi bagakomeza gufindura akarundo kacengejwemo ikintu kugeza uturundo twose dutahuwe."



Bwenge yakomeje kwerekera abuzukuru be uko imikino itandukanye ikinwa na bo bakabisubiramo. Buri gihe ibyo yabigishaga ni ko na bo babishyiraga mu bikorwa kugira ngo bamugaragarize ko batari abanebwe. Bitwenge yahigaga abandi mu gihe k'imyitozo kuko yari afite intego yo kuzavamo icyamamare mu mikino gakondo.

Sekuru yakomeje abigisha uko bakina umukino w'imburugushu. Yabasobanuriye ko ari umukino ukinwa abana bafata umugozi bakawupfundika nk'umukandara ufunze. Abari mu mukino bitoramo umuyobozi agafata umugozi n'amaboko ye yombi nk'utwaye imodoka. Aho yerekeje abari hagati mu mugozi bakamukurikira. Iyo yihuse, abari mu mugozi basabwa kwihuta. Yagenda buhoro na bo bakagenda buhoro, yahagarara na bo bagahagarara.

Nyuma yo kubasobanurira no kubereka uko imikino itandukanye ikinwa, yabateguriye irushanwa. Iryo rushanwa ryakozwe ku mukino w'uturundo. Irushanwa rirangiye, Bitwenge ni we wahize abandi maze agenerwa ibihembo nk'umukinnyi witwaye neza. Kuva ubwo Bitwenge yabereye urugero bagenzi be na bo biyemeza kugira ishyaka nka we.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Vuga amazina y'imikino gakondo ivugwa mu nkuru.
3. Kuki Bitwenge yakoraga neza?
4. Imikino ifitiye abana akahe kamaro?
5. Umwana witwa Bitwenge akwigishije iki muri iyi nkuru?
6. Ni iyihe nama wagira abana batitabira imikino?


# Uko Gapira yarihiye Mutesi



Gapira yiga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Afite ubumuga bw'akaguru. Mushiki we Mutesi yarangije amashuri yisumbuye, abura ubushobozi bwo gukomereza muri kaminuza. Iyo Gapira avuye ku ishuri asubiramo amasomo ye, yarangiza akareba tereviziyo. Umunsi umwe, yarebaga tereviziyo y'u Rwanda abona harimo umukino wa karate. Biramutangaza cyane, yigira inama yo kuzabaza se ibyo ari byo.

Bukeye yegera se maze aramubaza ati: "Papa, ejo narebye tereviziyo y'u Rwanda mbonamo abantu barwana abandi babashungereye ntawubakiza. Ndagira ngo munsobanurire impamvu y'ubwo bugome." Se aramusubiza ati: "Mwana wange muri iki gihe imikino mvamahanga imaze kuba myinshi mu Gihugu cyacu. Abo bantu wabonye ntibarwanaga kubera urwango ahubwo bakinaga umukino witwa karate." Arakomeza ati: "Karate ni umwe mu mikino mvamahanga kimwe n'indi nka rugubi, hendiboro, basiketiboro, pingipongo, tenisi, voreboro, amasiganwa y'amagare ndetse n'ay'imodoka."

Gapira yakomeje kugira amatsiko asaba se kumusobanurira uko iyo mikino ikinwa. Se amubwira ko na we atazi amategeko ayigenga yose. Arakomeza ati: "Ariko hafi ya yose ikunda kunyura kuri tereviziyo. Uko izajya inyuraho nzajya ngenda ngusobanurira iyo ari yo." Gapira arakomeza amubaza ibibazo binyuranye. Ageze aho, amubaza niba muri iyo mikino mvamahanga hari uwo na we yashobora gukina kubera ko afite ubumuga. Se aramuhumuriza ati: "Mwana wange abafite ubumuga na bo ntibibagiranye, hari imikino inyuranye bashobora gukina ifite amategeko ayigenga."



Nyuma y'iminsi mike, Gapira yarangije gusubiramo amasomo ye maze areba tereviziyo abonamo umukino wa sitiboro.  Yarawukunze cyane maze abaza se niba hari aho ukinirwa mu gace k'iwabo. Se amusobanurira ko mu murenge wabo hari amakipe abiri y'uwo mukino. Gapira asaba se kuzajya kumwandikisha mu ikipe y'abana maze arabimwemerera. Buri gihe nyuma y'amasomo, Gapira yajyaga kwitoza. Bamwe bakamuca intege ko atashobora gukina kubera ubumuga yari afite.

Nyamara hashize igihe aza kuba icyamamare muri sitiboro. Ikipe yakiniraga akajya ayihesha ibikombe binyuranye. Ubu gukina yabigize umwuga ahembwa amafaranga menshi. Ni we warihiye kaminuza mushiki we Mutesi wari warabuze ubushobozi. Ubu abamucaga intege, ni bo bashishikariza buri wese kwitabira imikino mvamahanga.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Gapira yakoraga iki iyo yavaga ku ishuri?
2. Ni iyihe mikino mvamahanga Gapira yabwiwe na se?
3. Kuki abantu bacaga intege Gapira bamubwira ko atashobora gukina?
4. Sobanura uko siporo yakiza umuntu uyikora.
5. Ni iyihe nama wagira abacaga intege Gapira?
6. Ni iyihe nama wagira abafite ubumuga batinya gukora?

# Asigaye akora siporo



Nyampinga na Muhire, ni abanyeshuri biga ku kigo cy'amashuri cya Mataba. Iyo baganira bakunda kujya impaka ku bintu binyuranye. Umunsi umwe, bava ku ishuri bataha, bagiye impaka ku bijyanye na siporo n'imyidagaduro.

Muhire abwira Nyampinga ati: "Mu buzima bwange nkunda siporo. Numva nakora imyitozo myinshi, ngakina imikino inyuranye." Nyampinga aramusubiza ati: "Ibyo ni uburenganzira bwawe." Muhire arongera ati: "Nyamara siporo ni nziza, nta muntu idafitiye akamaro." Nyampinga amubwira ko ibyo atabyitayeho kuko siporo atari ibyo kurya cyangwa kunywa. Ko we yikundira kuryama no kwirebera firimi.

Muhire ababazwa n'imyumvire ya Nyampinga. Yiyemeza kumufasha kumva akamaro ka siporo n'imyidagaduro. Ahera ku kunenga ingeso yo guta umwanya aryamye cyangwa areba firimi. Avuga ko ibyo bikurura ubunebwe. Nyampinga aramusubiza ati: "Ibyo ni byo wibwira ariko si ko bimeze. Kuryama biranduhura ngakanguka mfite imbaraga kandi ntekereza neza."

Muhire ntiyashirwa, akomeza kuratira Nyampinga ibyiza bya siporo, amubwira ko namara kubyumva azahinduka. Aramubwira ati: "Gukora siporo binanura ingingo bikanarinda indwara." Akomeza amubwira ko niba akeneye kugira ubuzima bwiza, gutekereza neza, kwiga neza no kugira inshuti nyinshi akwiye gukora siporo.



Yakomeje kumusobanurira ko mu gihe yari ataratangira gukora siporo, yarakazwaga n'ubusa. Ntiyashoboraga kwihangana, kubabarira cyangwa gusabana n'abandi. Aho atangiriye gukora siporo ahorana ibyishimo, yungutse inshuti nyinshi kandi arangwa n'umurava mu byo akora byose.

Ibyo Muhire yavugaga byose Nyampinga yabitaga mu gutwi. Ni ko kumubwira ati: "Burya bwose imico myiza ikuranga uyikesha gukora siporo? Nari narayobewe impamvu uhora wishimye, nturwaragurike; naho nge ngahorana ibicurane n'umunaniro. Kubera kudakora siporo, mporana imbeho, intege nke kandi singire umurava mu byo nkora. Ibyo bigatuma mu ishuri ntakurikira amasomo neza."

Nyampinga amaze kumva inama agiriwe na Muhire, yiyemeje gutangira gukora siporo buri munsi. Muhire na Nyampinga bihaye gahunda yo kujya bakora siporo no kubishishikariza bagenzi babo. Iyo bavaga ku ishuri, batahaga biruka, mu gihe gito bakaba bageze iwabo. Ku minsi itari iy'amasomo, bafataga umwanya wo gukora imyitozo ngororamubiri bakanakina. Aho bari batuye, bakoreshaga abana siporo. Mu gihe gito, Nyampinga atangira kugira ubuzima bwiza.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Iyi nkuru iravuga  ku ki?
2. Ni nde uvugwa ko atakundaga siporo?
3. Ni akahe kamaro ka siporo kavuzwe mu nkuru?
4. Ni iki ushima Nyampinga?
5. Ni gute siporo ishobora guteza umuntu imbere?
6. Umaze kumva iyi nkuru, ufashe izihe ngamba?

# Mukaneza na Kagabo




Mukaneza na Kagabo bigaga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Bakundaga kwiga no gukina. Umunsi umwe akarere bari batuyemo kakoresheje amarushanwa y'imikino inyuranye. Mukaneza na Kagabo ni bo batsindiye kuzaserukira ikigo kuko ari bo bari bahize abandi ku ishuri ryabo. Mukaneza yahize abandi mu gusimbuka urukiramende naho Kagabo abahiga mu kwiruka. Barakomeje bagera ku rwego rw'Igihugu bituma baserukira u Rwanda mu gihugu cya Kenya.

Aho muri Kenya bitwaye neza bombi batsindira imidari ya zahabu. Iyo nkuru ikigera ku ishuri, ubuyobozi bw'ishuri butangira kubategurira umunsi mukuru wo kubashimira. Umunsi uragera, Mukaneza na Kagabo basesekara ku ishuri bambaye imidari yabo. Bari banezerewe cyane. Umuyobozi w'ishuri yari yatumiye ababyeyi n'abandi bantu banyuranye. Abanyeshuri biganaga bari bateguye ibirori, bababakinira udukino tunyuranye. Babaririmbira indirimbo zigaragaza ibyishimo.



Nyuma y'utwo dukino n'indirimbo, umuyobozi w'ikigo afata ijambo ahamagara Mukaneza na Kagabo. Abereka abari aho bose, abaha ibihembo bari bagenewe. Byarimo mudasobwa n'ibikoresho by'ishuri binyuranye. Umuyobozi w'ikigo arakomeza asobanurira abandi akamaro ka siporo n'imyidagaduro. Yababwiye ko siporo ari ingenzi mu buzima bw'umuntu kuko ituma uyikora yiyongerera amahirwe yo kubaho igihe kirekire. Imurinda indwara z'umutima, indwara zifata imyanya y'ubuhumekero, indwara zifata ingingo z'umubiri, diyabete n'izindi. Yabasobanuriye ko siporo itanga akazi. Abayikora babigize umwuga irabakiza kuko bahembwa neza. Umuyobozi w'ikigo asoza ijambo rye ashishikariza abari aho bose kwitabira siporo n'imikino ngororangingo.

Umwe mu babyeyi bari aho na we asaba ijambo bararimuha. Aratangira ati: "Ibyo umuyobozi w'ikigo avuga ni ukuri. Siporo ituma umuntu adasaza vuba kandi agahorana ubuzima bwiza. Ubwo mundeba aha mfite imyaka mirongo irindwi ariko murabona ko ngikomeye. Nubwo imikino musigaye mukina ubu kera itariho, ariko natwe twagiraga imikino n'imyidagaduro gakondo. Kera twasimbukaga urukiramende n'umurambararo. Tugakirana, tukamasha, tukabuguza, tugahekana mapyisi n'ibindi. Ibyo ni byo byatumye ubu mumbona ngifite agatege. Bashiki bacu na bo basimbukaga umugozi, baracamataga bakanakina imbata n'ibindi.

Abanyeshuri bishimiye impanuro z'umuyobozi w'ikigo n'iz'umubyeyi. Buri wese atangira kongorera mugenzi we ko kuva ubwo bazajya bitabira siporo n'imikino ngororamubiri. Ubu abanyeshuri bose bigaragara ko bafite ubuzima bwiza kubera kwitabira siporo n'imyitozo ngororangingo.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru batsindiye imidari?
2. Batsindiye imidari mu yihe mikino?
3. Ni akahe kamaro k'imikino n'imyidagaduro kavugwa mu nkuru?
4. Mu mikino yose uzi ni uwuhe wumva wakina? Kubera iki?
5. Ni gute imikino n'imyidagaduro ishobora gutunga uyikina?
6. Ni nde ushima muri iyi nkuru? Uramushima iki?

# Ibaruwa ya masenge



Rusaro na Ganza biga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Mu kiruhuko, bakunda kujya gusura nyirasenge witwa Mukamusoni. Ni abana bazira ubunebwe, iyo bagezeyo bamufasha imirimo bashoboye. Baraganira ndetse nyirasenge abagira inama z'uko bagomba kwitwara mu buzima.

Ibiruhuko byenda kurangira basubiye murugo kwitegura gusubira ku ishuri. Igihembwe kigeze hagati nyirasenge yabandikiye ibaruwa. Yabibutsaga kuzirikana bimwe mu byo baganiriye mu biruhuko. Iyo baruwa yari iteye itya;

*Mukamusoni Rozariya*
*Akarere ka Karongi*
*Umurenge wa Rutaba*
*Akagari ka Gasharu*
*Umudugudu wa Mpanga*

*Rutaba, Ku wa 18 Werurwe, 2018*



*Ku bisengeneza bange mpoza ku mutima,*
*Nimurambure amaboko duhoberane. Mu rugo ni amahoro? Natwe turaho, babyara banyu Cyuzuzo na Muhirwa barabatashya.*
*Ikinteye kubandikira nagira ngo dusubukure cya kiganiro twagiranye. Muribuka ko twaganiriye ku byerekeye kurwanya ubunebwe.*
*Bana bange nkunda byahebuje, kurwanya ubunebwe burya ni ibya buri munsi. Mu gitondo, muge mwiyaka ikirago mutagundiriye uburiri, maze mugane umurimo. Iyo ukunda kuryamira, ukererwa ku murimo.*

*Burya ngo: "Ubibye ibitotsi asarura ingonera." Abanebwe nta terambere bakwigezaho. Usanga bashaka kubaho mu buzima bworoshye no kurya batakoze. Wagira ngo ntibazi ya mvugo igira iti: "Udakora ntakarye."*
*Abanyeshuri b'abanebwe bararyamira. Usanga bagera ku ishuri bakererewe n'amasomo yabacitse. Biganyira gukora imyitozo n'imikoro. Batinya gusubiza ibyo babajijwe ntibanandika vuba ibyo bagomba kwandika. Abo rero ni na bo usanga baba abanyuma mu ishuri.*

*Si mu ishuri gusa kandi, no mu rugo usanga ari ibinnyeteri, batinyakura ngo bakore umurimo urangire vuba. Mwe rero bana bange, nimushirike ubute muri byose, muzabe ingirakamaro.*
*Ndangije mbibutsa kwirinda ubunebwe, kwiga neza no gutsinda.*
*Tuzasubira mu kiruhuko gitaha.*

*Nyogosenge wanyu ubakunda,*
*Mukamusoni Rozariya.*



Rusaro na Ganza barangije gusoma ibaruwa bishimye. Umwe abwira undi ati: "Iyi baruwa ya masenge yuzuye inama nziza! Tugomba kuzikurikiza, tukirinda ubunebwe." Nuko bombi biha intego ko igihembwe nikirangira, bazashyira nyirasenge indangamanota zabo ziriho amanota meza cyane.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde Rusaro na Ganza bagiye gusura? Yabaganirije kuki?
2. Ni izihe mpanuro nyirasenge yabandikiye mu ibaruwa?
3. Ni izihe ngaruka zigera ku banyeshuri b'abanebwe?
4. Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru?
5. Wabigenza ute ushatse guha ubutumwa umuntu uri kure yawe?
6. Ese hari abanyeshuri uzi cyangwa ubona b'abanebwe? Wabagira iyihe nama?

# Yamenye agaciro k'igihe



Nzirorera na Kanakuze bari bafite umwana w'umuhungu witwa Gatete. Mu museso mbere yo gufata isuka, Nzirorera yabanzaga guhamagara umuhungu we ati: "Gatete we, byuka uge ku ishuri dore burakeye." Ubwo Gatete yaramujijishaga akagona kugira ngo amwereke ko atamwumva. Nzirorera yakomeje kujya asaba Gatete kubyuka kare ariko ntamwumve.

Buri munsi Gatete yageraga ku ishuri yakererewe. Umwarimu yamubaza impamvu atubahiriza igihe, Gatete ntagire icyo asubiza akicecekera. Umwarimu yamugiriye inama yo kutazongera gukererwa, amusaba kwisubiraho ariko Gatete ntabyubahirize. Hari ubwo umwarimu yamubwiye ati: "Ndakugira inama yo kubahiriza igihe kuko umuntu wubahiriza igihe agirirwa ikizere na buri wese." Abana biganaga bagerageje kujya bamugira inama kugira ngo barebe ko yahinduka, aranga arabananira.

Ntibyatinze, Akarere gategurira abanyeshuri irushanwa ngo barebe urwego rwabo mu gusoma no kwandika. Bari mu ishuri, umwarimu wabo yagerageje kubasomera amabwiriza agenga irushanwa. Mu mabwiriza yabasomeye irya mbere ryari iryo kubahiriza igihe.

Gatete yumvise ibyo umwarimu yavuze, arakebuka abwira umwana bari baturanye witwa Mico ati: "Nuzinduka uzace mu rugo iwacu umpamagare tujyane ndebe ko nange natsinda irushanwa." Mico yarabimwemereye ariko na we amusaba kuzahita abyuka namuhamagara.




Bukeye, Mico yarazindutse ahagarara ku irembo ry'iwabo wa Gatete, aramuhamagara ariko Gatete ntiyamwitaba. Yarakomeje aramuhamagara abonye atamwitabye akeka ko yagiye, nuko na we ahita ashwekura kugira ngo adakererwa. Mico ageze aho irushanwa ryaberaga ashakisha Gatete aramubura. Hashize akanya, abarimu bakoreshaga irushanwa batanze impapuro zanditseho ibibazo abanyeshuri batangira gukora.

Igihe cyagenwe k'irushanwa kirangiye, Gatete yasesekaye mu cyumba k'ibazwa. Abanyeshuri bagenzi be bamubonye baratangara cyane. Umwarimu wari uhagarariye icyumba k'ibazwa amubwira ko agomba gusubira mu rugo kuko yakererewe kwitabira irushanwa. Umwarimu yamusabye kujya yubahiriza igihe kugira ngo atazongera kugira ibyo ahomba mu buzima bwe.

Kuva uwo munsi, Gatete yamenye agaciro ko kubahiriza igihe, afata umwanzuro wo kutazongera gukerererwa. Hashize iminsi mike Gatete yatangiye kujya atanga bagenzi be kugera ku ishuri ndetse akabarusha amanota. Abanyeshuri baramushima kandi bamufata nk'intangarugero.  Gatete ashimira umwarimu n'abanyeshuri bamugiriye inama yo kubahiriza igihe.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Kuki umwarimu wari uhagarariye icyumba k'ibazwa yasubije Gatete mu rugo?
3. Ni irihe bwiriza ryabanzirizaga andi mu gihe k'irushanwa.?
4. Ni akahe kamaro ko kubahiriza igihe?
5. Ni iyihe nama wagira abanyeshuri bakunda gukererwa?
6. Andika uko ukurikiranya ibikorwa byawe ku munsi.

# Turwanye ubunebwe




Rugemintwaza n'umugore we Nyirajyambere batuye i Bweramvura. Mu rugo iwabo babana n'abuzukuru babo Rugambwa, Nyirahirwa na Ngwije. Uwo muryango ubana neza mu mahoro, nta mwiryane kandi ukunda kwitabira umurimo.

Mu kiruhuko, Ganza, umwisengeneza wa Nyirajyambere yaje kubasura. Uwo mwana ntiyari yaratojwe gukora, nta kintu yitagaho na busa. Mu gitondo Rugambwa yajyaga kuvoma, Nyirahirwa akajya kwahirira inyana naho Ngwije agasigara akubura. Iyo barangizaga gukora uturimo twa mu gitondo, bagabanaga imirimo Rugambwa agateka, Nyirahirwa agakukira inyana naho Ngwije akoza amasahani. Ibyo byose babikoraga Ganza abareba, ntabafashe.

Hashize iminsi itatu Ganza nta cyo afasha abandi. Rugemintwaza biramubabaza yiyemeza kuza kumuganiriza. Mu gihe cy'umugoroba bakitse imirimo, arabahamagara ati: “Bana bange ndifuza ko muza tukaganira.” Abana bose bicara ku ntebe, imbere ye aho yari yicaranye n'umukecuru we. Araterura arababwira ati: “Murabona mwese ko nkuze, kandi namwe muzi gutandukanya ikibi n'ikiza. Ndagira ngo rero mbahanure.

Uku ngana uku n'umukecuru wange; murabona ko nta cyo tubuze. Dufite ishyo ry'inka, umukumbi w'ihene kandi imyaka yuzuye ibigega. Ibi tubikesha gukunda umurimo, kutanebwa ndetse no kubahiriza igihe. Ubunebwe ni bubi mubwirinde kuko butera ubukene kandi n'umunyeshuri w'umunebwe abona amanota mabi. Mugomba rero kujya mubyuka kare mugakora mushyizeho umwete.

Ganza aho yicaye, yaritaga mu gutwi nubwo umusaza atamuvuze mu izina ngo atamutera ipfunwe. Ku munsi wakurikiyeho, Ganza yabyutse kare. Rugambwa afashe akajerekani ngo age kuvoma na we abatura akandi barajyana. Bavuye kuvoma ajyana na Nyirahirwa kwahira. Kuva ubwo Ganza arahinduka karahava. Ubunebwe arabusezerera.



Ikiruhuko kirangiye Ganza yarasezeye arataha. Rugemintwaza aramushimira, amuha ihene yo korora. Aramubwira ati: ”Iyo hene uzayorore ushyizeho umwete, izagufasha gutera imbere.” Ageze iwabo akomeza kwitabira umurimo, ubunebwe araburwanya. Yabyukaga akora uturimo dutandukanye kandi akabishishikariza n’abandi.


Ababyeyi be byarabatangaje, bishimira ukuntu Ganza yahindutse. Hashize iminsi nyina amwitegereza, aramuhamagara aramubaza ati: “Mwana wange ko waretse kuryamira, ukaba usigaye utiganda habaye iki?” Ganza aramusubiza ati: “Ndi mu kiruhuko kwa masenge, Rugemintwaza yatugiriye inama yo kureka ubunebwe tukitabira umurimo. Nyina yiyemeza kujya kwa Rugemintwaza kubashimira kubera ko bamukosoreye umwana.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Mu kiruhuko Ganza yagiye he?
2. Ganza yitwaye ate ageze kwa nyirasenge?
3. Ni iki cyatumye Ganza ahinduka?
4. Iyi nkuru ikwigishije iki?
5. Ni iki unenga ababyeyi ba Ganza?
6. Ni izihe ngaruka zo kutitabira umurimo?

# Umutwe wa 8: Gukunda Igihugu

## Petero yaretse kubeshya




Kera habayeho umwana w'umuhungu witwaga Petero. Iwabo bororaga intama. Amaze kugira imyaka icumi, yasabwe kujya aragira intama mu gihe k'ibiruhuko. Iyo yajyaga kuragira yagendaga aseta ibirenge. Kwirirwa wenyine aragiye intama hafi y'ishyamba byaramurambiraga, agashaka ibyo ahugiramo.

Umunsi umwe, Petero yagiye kuragira. Nuko yigira inama yo kurira igiti. Ageze mu bushorishori asakuza asa n'utabaza agira ati: "Ikirura! Ikirura wee!" Umuturage yumvise akaruru ka Petero aramutabariza. Abagabo batabaye bitwaje imiheto n'imyambi, kugira ngo bahangane n'ikirura. Barahageze basanga yitendetse mu ishami ry'igiti yisekera, intama zirisha mu mutuzo. Ibyo ntibyabashimisha. Iyo nkuru igera kuri nyina arababara maze nimugoroba aramuhana.

Nyuma y'iminsi mike, Petero yongeye kubeshya avuga ko yatewe n'ikirura aho aragiye. Na none abaturage barahurura. Bahageze bagwa mu kantu, basanga ari ikinyoma cyambaye ubusa. Abagabo bataha bijujuta. Biyemeza ko niyongera bazamwihorera. Nyina arababara na none ndetse aramucyaha, Petero na we yiyemeza kutazongera kubeshya.

Hashize iminsi mike, Petero asubira kuragira intama. Abona intama zimwe ntizitekanye agira amakenga yibaza impamvu intama ze zikangaranye. Akebutse hirya, abona ikirura nyamunini kibunze mu gihuru gitumbiriye intama; yurira igiti atangira gutabaza avuga ati: " Ikirura wee! Ikirura wee!



Umusaza umwe mu bakundaga guhurura ngo yumve urusaku rwa wa mwana abwira abo bari kumwe ati: "Uwo nta wundi ni Petero uhora adutesha umwanya. Guhora tumwirukaho nta mpamvu, bituma ntacyo twikorera." Abandi ariko barushaho gukenga.

Burya koko umwana murizi ntakurwa urutozi. Nta muntu wemeraga ko Petero noneho atabariza ukuri, ko abonye ikirura koko. Kera kabaye, ba basaza bohereza umusore ajya kureba igituma Petero atabaza. Agihinguka, yahise abona ikirura nyamunini kibunze mu gihuru kiteguye gufata intama. Umusore arakirukana kirahunga.

Byarangiye Petero akuyemo isomo rikomeye ryo kutazongera kubeshya. Yasobanuriwe ko iyo umuntu ahora abeshya, bigera aho abantu ntibemere ibyo avuga n'iyo byaba ari ukuri. Petero asaba imbabazi umubyeyi we n'abaturanyi bose, yiyemeza guca ukubiri n'ingeso yo kubeshya. Kuva ubwo aba umwana w'intangarugero urangwa n'ukuri mu byo akora byose.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde mwana uvugwa mu nkuru?
2. Petero yari afite iyihe ngeso?
3. Byagenze bite Petero atabaje ku nshuro ya gatatu?
4. Abana bakunda kubeshya ababyeyi babo wabagira iyihe nama?
5. Ku bwawe kuki ari byiza kuvugisha ukuri?
6. Ni irihe somo wakuye muri iyi nkuru?

# Bitabiriye umuganda



Ku wa Gatandatu wa nyuma w'ukwezi gushize, Kakuze na Gwiza bitabiriye umuganda rusange wabereye mu mudugudu wabo. Watangiye saa mbiri usozwa saa tanu z'amanywa. Muri uwo muganda, basannye iteme ryahuzaga umurenge wabo n'undi bihana imbibi. Umuganda urangiye habaye inama, yayobowe n'Umukuru w'Umudugudu. Yashimiye abari aho bose, by'umwihariko urubyiruko.

Umukuru w'Umudugudu atangira inama yateye indirimbo ivuga ngo: "Tuzarwubaka abana b'Abanyarwanda, turugire nka paradizo ku isi hose." Barangije kuririmba, yababwiye ko u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo. Akimara kuvuga atyo, Kakuze amubaza abana b'u Rwanda abo ari bo. Umukuru w'Umudugudu aramusubiza ati: "Abakuru n'abato twese turi abana b'u Rwanda."

Gwiza na we yagize amashyushyu abaza ibyo abana b'u Rwanda bagomba gukora mu kwiyubakira Igihugu. Umukuru w'umudugudu yasabye uwamwunganira akabamara amatsiko. Ndizihiwe wari mu nama ahita atera urutoki hejuru maze bamuha umwanya. Aravuga ati: "Bagomba kwitabira ibikorwa rusange."

Gwiza yahise avuga ati: "Sinyuzwe kuko ntazi icyo ibikorwa rusange bivuga." Umukuru w'umudugudu aramubwira ati: "Ni ibikorwa bifitiye inyungu Abanyarwanda bose. Gwiza ati: "Ubwo noneho nk'imihanda yorohereza abantu ubuhahirane bakanashyikirana na yo irimo." Umukuru w'Umudugudu ati: "Wabimenye." Yamwongereyeho ko imyinshi ikorwa na Leta ariko ko tugomba kuyibungabunga."



Abari aho bakomeje gusangira ibitekerezo. Bavuga ko uretse kwita ku mihanda, Abanyarwanda bakeneye kugira ubuzima bwiza, bakigira mu mashuri meza afite n'ibikoresho bihagije. Bagomba kwivuriza mu mavuriro meza kandi buri wese akagira ubwishingizi bw'ubuzima. Bakomeje kuvuga ko tugomba gutema buri gihe ibihuru bishobora kuba indiri y'imibu itera malariya. Tugomba gutunganya no gusibura imiyoboro y'amazi, tukarushaho kubungabunga ibidukikije.


Kakuze yongeye gusaba ijambo ati: "Siniyumvisha uko ibyo byose byakorwa, nta mafaranga ahagije abantu bafite. Umukuru w'umudugudu yahise amumara impungenge aramubwira ati: "Kwitanga si ugutanga amafaranga gusa cyangwa imisoro. Buri wese, ashobora kugira uruhare mu byo twavuze byose, akoresheje amaboko agatanga umubyizi we."

Inama irangiye, Kakuze na Gwiza batashye bishimye. Bavuze ko bagomba kwitabira gahunda za Leta, bagateza imbere Igihugu cyababyaye, bashyira hamwe n'abandi. Biyemeza ko bagomba gufatanya n'abandi gukora isuku, bakiyubakira amashuri, amavuriro, amasoko, amavomero n'ibindi.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Abantu bavugwa mu nkuru bahuriye mu kihe gikorwa?
2. Inama yabaye ryari? Yari iyobowe na nde?
3. Ni ibihe bikorwa rusange bivugwa mu nkuru abantu bagomba kujya bitabira?
4. Wabwira iki abantu batajya mu muganda ku bushake bwabo kandi bafite imbaraga?
5. Ni gute umuganda wakwihutisha iterambere ry'Igihugu?
6. Umugani uvuga ngo « abishyize hamwe ntakibananira » wawuhuza ute n'ibyavuzwe mu nkuru?


# Inyamaswa zungutse ubwenge



Kera inyamaswa zari zifite umutungo, utangira kwangirika cyane. Intare iricara yibaza uko habungabungwa uwo mutungo rusange inyamaswa zose zihuriyeho. Mu bibazo yibajije, harimo no kumenya impamvu umutungo wazo wangirika. Intare yigira inama yo guhamagaza zimwe mu nyamaswa n'inyoni, kugira ngo ziyifashe muri icyo gikorwa. Yahamagaye Bakame, isha n'inyamanza.

Bukeye, Bakame, isha n'inyamanza zijya gushaka impamvu ituma umutungo rusange w'inyamaswa wangirika. Nuko zirahaguruka ziragenda, zibanza kugera ku iriba inyamaswa z'ishyamba zose zashokagaho. Zihageze, zisanga iriba ryarasibamye kubera imyanda. Nyuma zisura ibigo by'amashuri n'amavuriro zisanga byarangijwe n'umwuzure. Zigiye ku bibuga by'imikino zisanga byararengewe n'ibyatsi. Zigeze mu mirima n'ibishanga, zisanga byarononwe n'isuri.

Hashize iminsi, zisubira ibwami zitekerereza umwami ibyo zabonye. Bakame yari iyoboye izindi ifata ijambo iti: "Nyagasani, twagerageje gusura ahantu hose hashoboka, dusanga umutungo rusange wacu warangiritse cyane." Isha na yo yungamo iti: "Ni byo rwose, ibyo twabonye birababaje, ariko buri wese atanze umuganda we, hari icyakorwa tukarushaho kubungabunga umutungo kamere wacu.



Intare imaze kumva ibyo Bakame, isha n'inyamanza ziyibwiye, itumiza inama bwangu. Inyamaswa zose ziza ibwami. Intare irahaguruka iti: "Tumaze iminsi twibaza impamvu umutungo rusange wangirika. Twasanze rero gukorera hamwe byadufasha cyane mu gusana ibyangiritse." Irongera iti: "Buri nyamaswa ejo izaze mu gikorwa cyo gusana ibyangiritse, bityo dukomeze kubungabunga umutungo wacu."


Bukeye, inyamaswa zose zahuriye hamwe, zitangira ibikorwa byo gusana ibyangiritse. Bimwe mu bikoresho zari zitwaje harimo ibitiyo, amasuka, imihoro, ingorofani, n'ibindi. Zagerageje gutunganya neza ikibuga cy'umupira, kugira ngo zige zibona aho zikinira. Inkende ibonye uko inyamaswa zishishikaye, iraziririmbira kugira ngo zitananirwa.

Inyamaswa zose zakoranye umurava mu gikorwa cyo gutunganya ikibuga k'imikino. Nyuma, intare umwami wazo irazishimira, izigira inama yo kujya zihora zibungabunga umutungo rusange. Kuva icyo gihe, icyo gikorwa kiba umuco, umutungo wazo ntiwongera kwangirika ukundi.

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni izihe nyamaswa zivugwa mu nkuru?
2. Ni iyihe mpamvu yateye intare guhamagaza izindi nyamaswa?
3. Vuga umutungo rusange wasanwe?
4. Vuga imwe mu mitungo rusange uzi?
5. Ni izihe ngaruka zo kudafata neza umutungo rusange?
6. Iyi nkuru igusigiye irihe somo?

# Kora ndebe iruta vuga numve



Umugwaneza na Ndungutse ni inkurikirane. Ndungutse ni intangarugero, ndetse agira umurava mu byo akora byose. Naho Umugwaneza agakunda gusuzugura kandi ntiyige uko bikwiye. Umwarimu wabo Bumvwanabo ahora ababwira ko bagomba kurangwa no gukunda Igihugu, kuvugisha ukuri, kwitabira ibikorwa rusange no gukoresha neza umutungo rusange.

Ababyeyi babo bababwira ko ari bo Rwanda rw'ejo. Bagomba kwiga neza kugira ngo bazagirire Igihugu akamaro. Mu masomo, Ndungutse yabaye uwa mbere naho Umugwaneza abona amanota make. Bataha, Umugwaneza ata indangamanota ye. Ndungutse arayitoragura arayibika. Bageze mu rugo, Umugwaneza abeshya ababyeyi ko yabaye uwa mbere. Ndungutse aramunyomoza, yerekana indangamanota ye. Nuko ababyeyi babagira inama, barababwira bati: "Uwanze kumvira se na nyina, yumvira ijeri."

Ndungutse yahembwe kujya gusura nyirakuru. Ahurirayo na mubyara we Nyirantyoza. Biyemeza kumufasha imirimo yo mu rugo bashoboye. Igihe kimwe bagiye kuvoma amazi. Bageze ku iriba basanga iriba ririmo imyanda bararisukura kuko iriba ari imitungo rusange igomba gufatwa neza. Barangije baravoma barataha.
Bageze murugo nyirakuru ababaza icyatumye batinda, bamusobanurira ko babanje gusukura iriba. Abashimira igikorwa cy'ubutwari bakoze.



Ndungutse agiye gutaha, nyirakuru amuhemba intama yo kujya korora. Ageze iwabo, Umugwaneza yabonye ibyishimo Ndungutse akuye kwa nyirakuru, yiyemeza kwisubiraho na we akaba intangarugero. Ntibyatinze, ku ishuri ryabo bategura umuganda wo gusukura no gutunganya ikibuga k'imikino. Umunsi w'umuganda ugeze, Ndungutse atangazwa no kumva Umugwaneza amushishikariza kwitabira umuganda.

Burya ngo: "Ababiri bajya inama baruta umunani urasana." Umugwaneza na Ndungutse bagiye ku ishuri baganira, ndetse bajya inama z'uko bagomba kwitwara. Ndungutse agira inama umuvandimwe we ko agomba kujya yumvira inama bahabwa n'ababyeyi babo. Umugwaneza yiyemeza kuba intangarugero muri byose.

Mu gihembwe cyakurikiyeho, Umugwaneza yaranzwe no gufasha abandi, kuvugisha ukuri ndetse akitabira amasomo. Ibyo yakoraga byose byashimishaga ababyeyi ndetse n'abanyeshuri bigana. By'akarusho, bikanezeza Ndungutse wamugiriye inama yo guhinduka. Icyo gihembwe cyarangiye Umugwaneza afite amanota meza. Ababyeyi be barishima cyane, baranamuhemba. Umugwaneza yibutse uko yari ameze mbere aravuga ati: "Ni byo koko umutwe umwe ntiwigira inama."

## Ibibazo byo kumva inkuru

1. Umwarimu Bumvwanabo yabwiye abanyeshuri ko bakwiye kurangwa n'iki?
2. Ndungutse amaze kubona Umugwaneza abeshye ababyeyi yakoze iki?
3. Umugwaneza amaze kubona ibyishimo Ndungutse akuye kwa nyirakuru yigiriye iyihe nama?
4. Imyifatire ya Ndungutse uyigiyeho iki?
5. Ni iyihe nama wagira abanyeshuri batavugisha ukuri?
6. Ni iki washimira Umugwaneza?

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA